	<p>1.3.4: Gutegura buri mwaka amahugurwa abiri y'abahugura abandi bagizwe n'abahinzi-borozi 30, bagahugurwa ku micungire y'ubutaka buragirirwaho mu rwego rwo kubuha ubushobozi bwo guhangana n'ihindagurika ry'ibihe bityo bukarushaho gutanga umusaruro.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kuba ari umuhizi-mworozi ubikora - Gutoranya n'abandi bahinzi-borozi - Byaba byiza azi gusoma no kwandika cyangwa yifitemo ubundi bumenyi bumushoboza guhugura abandi. - 60% bakwiriye kuba ari abagore. 	<p>Ntacyo</p>	
	<p>1.3.5: Gusuzuma ukuboneka kw'amazi hamwe n'urugero rushoboka rwaboneka rw'amazi ku nzuri 60 ndetse no kugura ibigega 60 bya m³ 5000 hamwe</p>	<p>n/a. Inzuri zizatoranywa hashingiwe ku rugero rw'amazi zikenera mu gihe runaka ndetse hanashingiwe ku bukene bw'amazi zisanganywe.</p>	<p>Ubutaka buri mu bwamaze gutoranywa</p>	

	no kwubaka ibigega by'amazi 60 byo kugabanya ubukana bw'amapfa ku matungo.			
	1.3.6: Gukoresha kabiri mu mwaka amahugurwa yo kwubaka ubushobozi ku bahagariye abahinzi-borozi 30, abakozi 7 ba leta bo mu rwego rw'ubuhinzi, abayobi 7 b'amadini ndetse n'abagize inzego za leta 7 bashinzwe iterambere mu turere 7.	Nta mugenerwabikorwa ku giti cye	Ubutaka buri mu bwamaze gutoranywa	
1.4. Kwongera no kunoza ingamba zo gucunga ubutaka no kuburinda kwangirika no gutwarwa n'isuri	1.4.1:Gutera ibiti n'ubwatsi kuri 700 ha ku nkombe z'ikiyaga/uruzi ndetse no kuri 700 km z'inkombe y'umuhanda bigacungwa buri wese abigizemo uruhare.	Ubutaka rusange bwa Leta, nta mugenerwabikorwa ku giti cye.	Guhitamo ahantu bizashingira ku isuzuma rya ROAM ku rwego rwo hejuru, kandi hakazakurikizwa impamvu ikurikira: a) inkombe z'uruzi n'ikiyaga: (i.) inkombe zibasirwa n'isuri bitewe n'uko zihanamye cyangwa zitariho ibiti bifata ubutaka ngo bukomere;	The sub-projects are formed at the landscape level based on the ROAM assessment. It is expected that these will comprise between 1-2 sectors.

			<p>(ii.) inkombe zikorera imirimo itemewe bikaziviramo ibyago byinshi byo gutwarwa n'isuri;</p> <p>(iii.) inkombe zashyizwe mu rwego rw'izigomba kwitabwaho mbere y'izindi hashingwe ku isuzuma rya ROAM (rivugwa mu gace kitwa Ibikorwa 3.1) kandi kwitabwaho kwazo bikaba byanafasha n'ibindi bice bitandukanye bivugwa ahandi (nko mu bice 1.1,1.2, 1.3)</p> <p>b) inkombe z'umuhanda:</p> <p>(i.) inkombe z'umuhanda zidateyeho ibiti;</p> <p>(ii.) inkombe z'umuhanda zihanamye ;</p> <p>(iii.) inkombe z'umuhanda zashyizwe mu rwego rw'izigomba kwitabwaho</p>	
--	--	--	---	--

			<p>mbere y'izindi hashingwe ku isuzuma rya ROAM (rivugwa mu gace kitwa Ibikorwa 3.1) kandi kwitabwaho kwazo bikaba byanafasha n'ibindi bice bitandukanye bivugwa ahandi (nko mu bice 1.1,1.2, 1.3)</p>	
	<p>1.4.2: Kubungabunga 400 ha z'inkengero z'Akagera bicye mu buryo bwo kuhatera ibiti n'ubwatsi ndetse no gushyira mu bikorwa gahunda yo gukoresha no gucunga inzuri buri wese abigiramo uruhare</p>	<p>Nta mugenerwabikorwa yihariye</p>	<p>Guhitamo ahantu bizashingira ku isuzuma rya ROAM ku rwego rwo hejuru, kandi hakazakurikizwa impamvu ikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> (i.) gufasha imirimo yo mu nzuri ikorerwa muri metero 100 y'uruzitiro rw'iburengerazuba, ahantu hane niho hazatoranywa bitewe n'ibyo hakeneye; (ii.) hazatoranywa ahantu ho mu nkengero hahanamye kandi hangiritse cyane kugira ngo haterwe ibiti n'ubwatsi. 	<p>Buri hantu mui aho hane hazaba hatoranyijwe ngo haterwe ibiti n'ubwatsi hazafatwa nk'agace kagize umushinga muto. Ubuso bwaho ntibuzarenza ahantu hangana n'umurenge.</p>

	1.4.3: Gutanga inkunga y'ubumenyi kuri za pepiniyeri 3 ku buryo zibasha gutanga imbuto z'ibiti n'ubwatsi bishobora guterwa ahantu hatandukanye kandi zigahangana n'ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe.	Guhitamo umugenerwabikorwa bizagengwa n'amabwiriza y'iyi Gahunda izemerera pepiniyeri gukora zikoresheje amikoro yazo mu rwego kuziba icyuho cy'ibibazo byagaragara.	Guhitamo ahantu bizagengwa 'amabwiriza y'iyi Gahunda	Nta shyirwaho ry'umushinga muto rizaba kuko ibyavuye mu isuzuma bitazagenderwaho.
	1.4.4: Gutanga inkunga y'ubumenyi ku turere turindwi ku buryo tubasha gukora igenzura ry'ahatewe ibiti hagamijwe kurindwa ingaruka ziterwa n'ihindagurika ry'ibihe.	Nta mugenerwabikorwa wihariye	Bizashingira ku makuru y'ahatoranijwe ngo havugururwe.	Nta shyirwaho ry'umushinga muto rizaba kuko ibyavuye mu isuzuma bitazagenderwaho.
1.5. Gufasha inzego z'abikorera n'abaturage guteza imbere ikoreshwa ry'ibicanwa bitangiza ibidukikije cyane cyane hagabanywa	1.5.1: Gukora ubukangurambaga bufatika kandi mu buryo buhoraho mu ntara yose y'iburasirazuba ku bijanye n'imbabura za kijyambere n'amahirwe ari mu ikoreshwa nyaryo ry'ibicanwa.	Nta mugenerwabikorwa wihariye	Ku rwego rw'akarere/igihugu	Nta shyirwaho ry'umushinga muto rizaba kuko ibyavuye mu isuzuma bitazagenderwaho.

<p>ikoreshwa ry'inkwi</p>	<p>1.5.2: Gushyigikira ingo zo mu cyaro 100 000 kugira ngo zigerweho n'imbabura zirondereza ibicanwa.</p>	<p>Bigenwa n'Amabwiriza y'iyi Gahunda cyane ko kubona n'imbabura zirondereza ibicanwa bifite icyo bifasha mu mirimo y'ivugururwa ivugwa mu gice cyitwa Ibikorwa 1.2,1.3,1.4 Ibindi bishingirwaho mu kwishyura 50% cyangwa 100% by'igiciro cy'imbabura zirondereza:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kuba uri mu itsinda ry'abahinzi-borozi bari mu mabere w'abagenerwabikorwa bavugwa mu gice 1.1 kugeza kuri 1.4; - Ku bijyanye n'amafaranga winjiza, kuba uri mu itsinda rya 1 cyangwa 2 urebwa na 100%, itsinda 3-4ni 50% - Kubanza kwishyura 50% 		<p>Nta suzuma rikenewe</p>
---------------------------	---	---	--	----------------------------

		by'umusanzu 50% ikaba ubufasha		
	1.5.3 Gushyira mu masoko TREPA ikoreramo ahabugenewe hakusanyirijwe ibijyanye n'ikorabuhanga ry'ibicanwa.	Si ngomba kuko hazaba hari ahabugenewe mu masoko	Amasoko 14 ari mu turere twemejwe	Nta shyirwaho ry'umushinga muto rizaba kuko isuzuma ritari ngombwa.
	1.5.4: Gushyigikira imirimo igamije kubungabunga ibidukikije by'umwihariko gutera inkunga gahunda yo gusimbuza uburyo bwa kera bwo gucana ubushya butangiza ibidukikije.	Si ngombwa	Ku rwego rw'akarere/igihugu	Nta shyirwaho ry'umushinga muto rizaba kuko isuzuma ritari ngombwa.

3.4. Gusuzuma ingaruka z'umushinga ku bidukikije no ku mibereho y'abaturage

Impamvu y'iri suzuma ni ukugira ngo habeho gusobanukirwa niba hari ingaruka mbi zaturuka ku mushinga muto hanyuma niba izo ngaruka zimenyekanye habakabaho n'andi masuzuma agamije gushyiraho ingamba zo guhangana n'izo ngaruka. Isuzuma rishyira buri mushinga muto mu rwego runaka hagendewe ku bwinshi cyangwa ubuke bw'ingaruka mbi ziwitezweho, nkeya, zigereranye, nyinshi. **Imishinga mito ifite ingaruka mbi nyinshi nta kunga izaterwa.** Isuzuma rikorwa hifashishijwe urutonde rw'ibibazo bibazwa bikanakurikiranwa n'umukozi w'Umushinga wa IUCN ushinzwe ubugenzuzi n'ubuziranenge.

3.5. Isuzumwa ry'Umushinga n'ingamba zo gukumira

Ni ngombwa gushyiraho ingamba ku mishinga yunganira iri mu gice cy'imishinga itagaragaza ibyago byinshi cyangwa imbogamizi nyinshi mu rwego rwo gukumira ko hari ikibazo cyagaragara mu ishyirwa mu bikorwa ryayo. Ibi bigomba gukorwa hitabwa cyane ku kumva ibitekerezo by'abagererwabikorwa b'ubumushinga mu buryo butaziguye hagenewe na none ku ngamba zigaragara mu mbonerahamwe ya 2. Bitewe n'imiterere y'ikibazo, hashobora gukenerwa inyingo yindi yihariye. Ku bibazo bindi bikomeye byavuka, hazakenerwa umpuguke mu mibanire idafite aho ihuriye n'umushinga.

3.6. ESMS ku mishinga yunganira

Imishinga mito igaragaza ibyago bike izerekanwa na raporo y'isesengura izaba yakozwe mbere. Ku mishinga ifite amahirwe menshi yo kudahura n'ibyago byo guhura n'imbogamizi mu ishyirwa mubikorwa byayo, Umukozi wa IUCN ushinzwe ikurikirana n'igenzura ry'Imishinga afite inshingano zo kugendura niba inyigo y'igenzura yarakozwe neza ndetse niba raporo yatanzwe nayo yarakozwe neza. Uyu mukozi kandi agenzura niba ibyavuye muri iryo genzura ry'ibanze byarashyizwe mu nyandiko y'imbanzirizamushinga, ikubiye mu nyandiko yihariye igaragaza uko ibidukikije ndetse n'Umutekano w'Abantu bizitabwaho mu gihe cy'ishyirwa mubikorwa ry'umushinga.

3.7. Ikurikiranabikorwa n'igenzura ry'ishirwamubikorwa rya ESMP

Imishinga yose itagaragaza imbogamizi nyisnhi izakenera ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zikubiye mu nyandiko y'umushinga igaragaza uko ibidukikije n'umutekano w'abantu bizubahirizwa (ESMP). Urwego rushyira mu bikorwa umushinga ari narwo kandi rushinzwe gushyira mu bikorwa indi mishinga mito, ni narwo rufite mu nshingano ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zigamije gukumira ibibazo byavuka ku mushinga.

Uburyo bwo kugaragaza aho ingamba zo gukumira zigeze zishyirwa mu bikorwa, bikorwa n'urwego rushyira mu bikorwa umushinga hagendewe ku nshuro ziteganywa muri ESMP, byibura mu gihe cy'umwaka. Izi raporo kandi zisesengurwa n'umukozi wa IUCH ushinzwe ikurikiranabikorwa n'isuzuma ry'imishinga. Uretse gusesengura izi raporo kandi, hazajya hanasuzumwa ubuziranenge bw'izi ngamba.

Bitewe n'imiterere y'ikibazo, urwego rushinzwe ikurikirana rushobora gutegura ibiganiro byihariye n'abagenerwabikorwa ndetse n'igice cy'abagizweho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga kugira ngo hakusanzweho ibitekerezo byabo ku buryo babona ingamba zikumira zashyizweho. Ku mishinga igaragaza ibyago kene, nta kindi kindi ikeneye uretse gusa kuyikurikirana mu buryo buhoraho.

4. Ibijyanye n'ibiganiro n'abagenerwabikorwa, uburyo bwo kugaragaza no Gutanga amakuru ku bitagenda

4.1. Ibiganiro n'abagenerwabikorwa

Uburyo bw'imikoranire n'abagenerwabikorwa b'umushinga ndetse no gutanga amakuru biteganywa mu nyandiko yihariye ireba iyi ngingo. Itoranywa rya site zidasanzwe muri gahunda z'umushinga zisobanurwa mu gice cya 3.1 cy'iyi nyandiko. Iki gice kandi kigaragaza uko imishinga mito mito izakorwa. Bitewe n'ibikorwa byakozwe muri buri mushinga, umushinga uzagira uburyo bw'imikoranire y'abagenerwabikorwa bawo bibanze kugira ngo harebwe neza niba ibikenewe by'ingenzi byose byaritaweho. Abagenerwabikorwa b'ingenzi bo bavugwa mu gice cya 1.1. ni abahizni bato ari nabo umushinga uzakorana nabo binyuze binyuze mu buryo rusange bwagutse ndetse no kugera aho batuye mu rwego rwo gutoranya ibikorwa bizakorwaho umushinga.

Abahinzi kandi bazaganirizwa mu gihe cyo gutoranya ibikorwa by'umushinga bizibanda ku iterwa ry'ibiti bivangwa n'imyaka kugira ngo ibitekerezo n'ibyifuzo byabo ku mirima yabo ndetse n'aho batuye byitabweho.

Kuri gice cya 1.2, abagererwabikorwa bibanze ni abasanzwe bafite amashyamba cyangwa imirima ihizemo ibiti cyangwa abandi bumva bifuza kubishoramo imali. Uburyo bwo gukorana n’abo bose ni ubu bukurikira:

- **Amashyamba y’Akarere (igikorwa cya 1.2.1):** Nk’uko byasobanuwe mbere, umushinga uzakora ibikorwa bitangukanye by’ubukanguramabga mu rwego rwo gushishikariza abagererwabikorwa bo muri ibyo bice gufata no kwegukana amashyamba yose y’akarere
- **Gutera amashyamba ya Leta (igikorwa cya 1.2.2):** Umushinga uzafasha ikigo cy’igihugu gishinzwe amashyamba (RFA) ndetse n’Uturere mu kubaha umurongo wo kubaka imikoranire y’abagererwabikorwa bo mu rwego rw’abikorera ndetse n’amakompanyi kugira ngo afate amashyamba ari ku buso bwa 10,000ha by’igihe kirekire, harimo n’amakoperative y’abahizi harimo n’abasanzwe bafite imirima y’ashyamba ku giti cyaho.
- **Izahurwa ry’ubutaka buto buto (igikorwa cya 1.2.3):** Muri iki gikorwa, umushinga ufite intego yo gukora ikusanyamakuru ry’ubutaka rihuriweho n’abaturage mu rwego rwo gutahura ubutaka bw’abantu ku giti cyabo (impuzandengo ya 40ha y’ubutaka, hafi amatsinda 160) byangiritse cyangwa ubuherereye ku buhaname bukabije, bukunze kwibasirwa n’isuri ku buryo bigaragara ko bikenewe kubungabungwa.

Mu gice cya 1.3, abagererwabikorwa bibanze ni abaturage b’aborozi. Umushinga uzakorana nabo binyuze mu gutoranya ibyanya/inzuri byabo hagenewe ku kigero cyo kwangirika cyabyo kugira ngo hamenyekane ahakeneye kwitabwaho kurusha ahandi. Ku bufatanye n’abaturage, amashyamba azashyirwaho ubuhumbikiro bw’ibiti azashyirwaho ndetse acungwe n’abaturage ubwabo. Abaturage ni nabo bazagira uruhare mu gutoranya ubwoko bw’ibiti bivangwa n’imyaka bizaterwa hamwe n’ubwatsi bw’amatungo.

Uburyo bw’imikoranire n’abaturage bwatoranyijwe ku gikorwa kiri mu gice cya 1.4 bushingiye ahanini ku gushyiraho amatsinda y’abaturage y’imboni (CVC). Aya matsinda azaba agizwe n’abaturage inkengero z’imigezi, inkengero z’imihanda ndetse no mu cyanya cy’Umugezi w’Akagera. Uburyo bwo gukorana n’abaturage kandi buzashingira ku gutoranya ndetse no gushyira mu byiciro ahakenewe kwitabwaho kurusha ahandi.

Mu byanya by’imigezi, umushinga uzita cyane ku gushyiraho ibyanya 20 by’imigezi bikomye ndetse n’inkengero zabyo. Umushinga uzasinye amasezerano y’imikoranire n’abaturage bahaturiyeye. Uburyo bwo gushyiraho amatsinda y’abaturage b’imboni (CVC) busanzwe bwarakozwe neza n’ikigo

cy'Igihugu cy'Amashyamba mu Karere ka Rwamagana muri 2018, buzita cyane ku kureba ko ibyifuzo by'abagererwabikorwa ndetse n'ibyo bakenye kurusha ibindi byitaweho.

Uburyo ibi bizakorwa (Reba umugereka) bwamaze gushyirwa kugira ngo butange umurongo ngebderwaho mu gukumira imbogamizi zishobora kubaho. Ibi birimo gushyiraho igice kihariye ku buryo bw'imikoranire n'abagenerwabikorwa b'umushinga nka kimwe mu bintu by'ingenzi bifasha mu gukemura ibibazo byaterwa no kuba bamwe bahezwa kugera ku mutungo n'ubutaka bwabo.

4.2. Gutanga amakuru

Imishinga ifite ibyago bice iri mu rwego rwa B, ikenera ESIA ndetse n'inyandiko igaragaza uko ibidukikije ndetse n'umutekano w'abantu bizitabwaho (ESMP) izashyira ahagaragara izi nyandiko zose mu minsi 30 mbere y'iyemezwa ry'umushinga. Izi nyandiko zose zizaba ziri mu ndimi z'icyongereza n'ikinyarwanda. Raporo zizashyikirizwa GCF hakoreshejwe uburyo bw'ikorabuhanga ndetse n'urubuga rwa Interineti rwa GCF hagendewe kuri politiki yo gutanga amakuru ya GCF n'igice cya 7.1 cy'itangwa ry'amakuru cy'inyandiko ya GCF.

Imishinga ishobora gutuma habaho kwimura abatwaga, izasaba ibindi biganirwa byihariye n'abagenerwabikorwa by'umwihariko abagizweho ingaruka ku buryo butaziguye. Ibijanywe nuko ibi bizakorwa bigaragarira mu mugereka 5.

4.3. Uburyo bwo Kugaragaza ibitagenda

IUCN ifite uburyo buzwi bufasha abagenerwabikorwa kugaragaza ibyo batishimiye mu bice byose ibikorwa by'imishinga ya IUCN iherereyemo mu gihe hana hari amahame atubahirijwe.

Uburyo bufasha abagenerwabikorwa b'umushinga kugaragaza ibyo batishimiye ni ingenzi kuko bufasha mu gutanga icyizere ku bagenerwabikorwa ko bazumvwa kandi bagafashwa ku gihe mu gihe hari icyo bagaragaje. Uburyo bwa IUCN busobanura neza amahame akurikizwa, inzira zinyurwamo mu kugaragaza ibitagenda ku mushinga, uburyo bwo gutanga igisubizo, ndetse n'uburyo umushinga ukurikirana uko bikorwa.

Umuntu cyangwa urwego runaka rwumva ko rushobora kugirwaho ingaruka z'umushinga ku buryo bubu biturutse ko hari amahame amwe n'amwe yirengagijwe ashobora kubigaragaza. Umuntu ku giti

cye cyangwa uhagarariye abandi ashobora gutanga ikibazo cye. icyakora ibibazo bitagaragaza ba nyiri kubitanga nta gaciro bizahabwa. Umwirondoro w'abatanze ibibazo uzagirwa ibanga igihe cyose.

Ubusabe butemewe ni ubu bukurikira:


- Ibibazo biri gushakirwa ibisubizo cyangwa ibindi bibazo bireba abandi bantu batari IUCN cyangwa urundi rwego rufite aho ruhuriye n'umushinga
- Ibibazo byatanzwe nyuma y'itariki ya nyuma y'irangira ry'umushinga
- Ikibazo kije nyuma y'amezi 18 nyuma y'irangira ry'umushinga mu gihe iki kibazo gifite inkomoko ku mushinga ariko itaramenyekanye mbere y'itariki y'irangira ry'umushinga
- Ibibazo bifitanye isano n'amategeko, poliiki by'igihugu, keretse gusa mu gihe iki kibazo gifite aho gihuriye n'amahame n'imikorere y'inyandiko ya ESMS ya IUCNN
- Ibibazo bifitanye isano n'imirungire y'umutungo n'abakozi ndetse n'imiyoborere bya IUCN kuko bifite ahandi bibarizwa.

Inzira eshatu zo gukemura ikibazo cyatangzwe

Gukemura neza no gushaka umuti w'ikibazo cyatanzwe, bikorerwaku rwego rwo hasi hashoboka.

Uburyo bwa IUCN bwo gukemura ibibazo bushingiye ku ntambwe 3 nk'uko zagaragajwe muri Figure 2. Bitangirira ku rwego rushinzwe ishyirwa mubikorwa ry'umushinga hamwe n'urwego rurebwa n'ikibazo. Aba bafatanyaga mu kwiga imiterere y'ikibazo kandi bigakorwa bose bashyize imbere inyunga bahuriyeho kugira ngo humvikanywe ku byo impande zombi zihuriyeho.

Intambwe 1. Kumvikana hamwe ku miterere y'ikibazo ndetse n'inzira zo kugukemura



Imbonerahamwe ya 2: Uburyo butatu (3) wamenyekanisha ibitagenda neza mu mushinga

Nubwo bishobola ko ikibazo gishoboea gukemukira ku rwego rw'abashyira mu bikorwa umushinga ndetse n'abarebwa n'ikibazo, ariko birashoboka cyane ko ibintu bishobora kwanga bikagera ku rundi rwego, bigasaba ko hitabazwa ishami rishinzwe Gukurikirana imishinga riri ku cyicaro cya IUCN ku rwego rw'Igihugu.

Mu gihe izi ntambwe ebyiri nta musaruro zitanze, ikibazo cyakohereweza ku rundi rwego rwisumbuye rwa IUCN (PCMS) nk'intamwe ya 3. icyo gihe hagomba gusobanurwa ko uburyo bwo kumvikanisha impande zombi bwari bwarakoreshweje mbere mu gushaka umuti w'ikibazo ariko ntibugire icyo butanga. Mu gihe ikibazo cyaba gikeneye umwihariko bitewe n'amakuru arimo, uwatanze ikirego afite impungenge n'ubwoba, intambwe za mbere zakirengagizwa, bityo ikibazo kigatangwa hakoreshejwe PCMS.

Ikibazo gitangwa kuri PCMS, gitangwa hakoreshejwe uburyo burikira:

- Kwandikira ikicaro gikuru cya IUCN gihereye mu Busuwisi, Rue Mauverney 28, CH-1196 Gland
- Kwandika kuri email to projectcomplaints@iucn.org;
- Gukoresha fax to +41 22 999 00 02 (ugakoresha IUCN, ikicaro gikuru nka aderesi); cyangwa
- Ugahamagara Tel + 41 22 999 02 59.

Kubera ko uyu mushinga uterwa inkunga na GCF, birashoboka kandi ko ikibazo cyakohereweza ku rwego rwigenga rwa GCF. Andi makuru arambuye, wayasanga kuri <https://irm.greenclimate.fund/case-register/file-complaint>.

Hagendewe ku ntambwe ya mbere, ibibazo bishobora kwakirwa mu magambo ku mukozi w'umushinga uri kuri site, hakoreshejwe Telephone cyangwa mu nyandiko igashyirwa mu gasanduku k'ibitekerezo cyangwa se ikibazo kikaba cyatangwa hakoresheje email yohereza kuri PMU cyangwa IUCN.

Uretse intambwe ya mbere, Intambwe ya kabiri PMU cyangwa IUCN (intambwe ya 3), ikindi kintu cy'ingenzi ni ukugira ikayi yabugenewe yo kwandikamo no kubikamo ibibazo byakiriwe. Iyi kayi ifasha cyane kubika no kwegeranya ibibazo byatanzwe ndetse n'aho ibibazo bigeze bikemurwa

Inzego zsihyira mu bikorwa imihinga zifite inshingano zo gutanga ikayi ikubiyemo ibibazo byatanzwe, igashyikirizwa PMU mu gihe cya buri mezi 6.

Abantu bose bantanga ibibazo byabo bakiranwa ikinabupfura kandi amakuru yabo akabikwa mu ibanga rikomeye. Buri rwego rushinzwe gushyira mu bikorwa umushinga ruba rusabwa gukora ibishoboka byose mu gukemura ikibazo rwashyikirijwe mu gihe cyagenwe. icyakora hari bimwe mu bibazo bishobora kuba bikomeye cyane, bidashobora gukemukira ku rwego rwibanze. Bene ibyo bibazo, bishyikirizwa urundi rwego rwa kabiri (PMU) bitarenze mu minsi 10. PMU ishobora gufashwa na IUCN, ishami ryo kurwego rw'Igihugu. Aho PMU nayo itabashije gukemura ikibazo yashyikirijwe, iki kibazo gishyikirizwa PCMS mu minsi 20 kugira ngo gisuzumwe. Igihe bitwara ndetse n'uko bigenda bikubiye mu nyandiko ya IUCN.

Inyandiko yabugenewe y'ikibazo izashyirwa mu rurimi gakondo ndetse ishishirwe ahantu hagerwaho na buri wese. Ibibazo byose byakiriwe binyuze kuri PCMS bikorerwa isuzuma ryimbitse ndetse n'inzira yo gusubizwa ikorwa hakurikijwe inzira ziteganywa mu nyandiko ya IUCN. Mu gihe ikibazo gikomeye, umuyobozi wa PPG asaba abashinzwe gukora iperereza ryihariye gukurikirana iki kibazo harimo no kujya site y'ikibazo kugira ngo hakorwe iperereza ryimbitse n'imizi y'ikibazo ndetse akanakora ingengabihe y'uko bizagenda.

Uburyo bwo kurwego rwibanze

Mu rwego guharanira ko buri kibazo gishobora kuvuga gikemurwa mu buryo boboneye kugira ngo birusheho gufasha uushinga ndetse n'abagenerwabikorwa bagizweho ingaruka n'umushinga, ibintu bikurikirana bizitabwaho hagamijwe kurushaho kunoza no kumenyekanisha inzira zifashishwa mu gutanga ikibazo:

- 1. Gusakaza amakuru:** Umushinga uzatangaza amakuru yimbitse areba umushinga, inzira zikoreshwa mu gutanga ibibazo ku muntu utanyuzwe n'ingingo runaka. Hazatangazwa inyandiko nyinshi zitandukanye kandi zisakazwe ku bagenerwabikorwa banyuranye hakoreshwe uburyo burimo imbuga nkoranyambaga, inyandiko, IUCN ndetse n'imbuga zisanzwe ziriho za interineti.
- 2. Gusobanurira inzego zibanze:** Hazabaho gahunda zo gusobanurira inzego zibanze hagamijwe gufasha abaturage kumva neza ingano n'imiterere by'umushinga ndetse n'inzira zifashishwa mu gutanga ikibazo mu gihe hari ingingo runaka umuntu tanyuzwe nayo
- 3. Uruhare rw'abagenerwabikorwa mu gukurikirana ESMP:** Guha umwanya abagenerwabikorwa ndetse n'ibyiciro byagizweho ingaruka n'umushinga mu gukurikirana ESMP bizafasha mu gushyiraho uburyo bwiza bwo kumenya inzira yifashishwa ndetse no gukemura ibibazo na mbere y'uko bikomera

4. **Uburyo Gakondo bwo Gukemura amakimbirane (Gacaca, Abunzi, etc):** Aho ibibazo bishingiye ku makimbirane hagati y'ibyiciro cyangwa abagenerwabikorwa (urugero ikibazo gishingiye ku kurwanira uburenganzira ku butaka) cyangwa byatewe n'umushinga, hazabaho gukoresha uburyo gakondo busanzwe bwifashishwa mu guhosha amakimbirane.
5. **Gutanga ikirego** – Biremewe gutanga ikirego igihe ikibazo cyamenyeshejwe abagishinzwe ariko ntigikemurwe muburyo bushimishije uwagitanze.
6. **Agasanduku Kagenewe ibitekerezo/Ibibazo** – Agasanduku kagenewe kwakira ibitekerezo ndetse n ibibazo by abaturage, abagenerwabikorwa ndetse n abafatanyabikorwa gateganyijwe gushyirwa ahateranira abantu mugice umushinag uzashyirirwamo mu bikorwa.

5. Uburyo aya mabwiriza mu mushinga uzashyirwa mubikorwa

Gushyira mu bikorwa aya mabwiriza bireba bwambere Umukozi ushinzwe ibijyanye n ibidukikije mu kigo IUCN, nk ikigo gishinzwe byumwihariko gushyira mu bikorwa no gukurikirana ibuyu mushinga ku rwego rwa Afurika. Umukozi ufite ikicaro muri IUCN Rwanda akaba kandi ari mu bashinzwe umushinga umunsi ku munsi, nawe arebwa no gushyira mubikorwa aya mabwiriza no guharanira ko yubahirizwa. Ashinzwe kandi gukorana buri munsi n abandi bafatanyabikorwa nk'ikigo cy igihugu gishinzwe amashyamba, umuryango Enabel, n abandi bafatanyabikorwa. Inshingano mu buryo burambuye zikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe 4: Inshingano mugushyira mu bikorwa aya mabwiriza

Intabwe n ibikorwa biteganyijwe	Aho bizakorerwa	Ubishinzwe	Izindi nyandiko zagufasha
Guhugura abakozi bose b'umushinga kubijyanye n aya mabwiriza	Umushinga wose	Inzobere mpuzamahanga mu byimicungire y ibidukikije	
Gukomeza kumenyesha no gukorana n izindi nzego mu kubahiriza no gushyira mubikorwa aya mabwiriza	Umushinga wose n aho uzakorerwa hose	Umukozi wa IUCN ushinzwe kubahirizwa no gushyirwa mubikorwa kw'aya mabwiriza (ESMF Project officer)	Iteganyamigambi rirambuye ryo gukorana n izindi nzego mu itegura n ishyirwa mu

			bikorwa by umushinga ¹ .
Gushyiraho ibirebana n uburyo buhoraho bwo kwita ku bidukikije mu mushinga	Ibikorwa byose by umushinga	Umukozi wa IUCN ushinzwe kubahirizwa no gushyirwa mubikorwa kw'aya mabwiriza (ESMF Project officer)	Process Framework
Gushyiraho urutonde rw'ibibazo n ibisubizo bifasha mu gusobanukirwa ibyitabwaho mu ishyirwamubikirwa ry umushinga	Umushinga wose n aho uzakorera hose	Abashinzwe gushyira mu bikorwa umushinga	ESMS Screening & Clearance
Gutegura raporo igaragaza uko bishyirwa mu bikorwa	Umushinga wose n aho uzakorera hose	Umukozi wa IUCN ushinzwe kubahirizwa no gushyirwa mubikorwa kw'aya mabwiriza (ESMF Project officer)	ESMS Screening & Clearance
Kugaragaza urutonde rw'inzitizi n' uburyo bikemurwa hubahirijwe amabwiriza yo kungabunga ibidukikije	Ibikorwa byagaragaye ko bifite inzitizi	Umukozi wa IUCN ushinzwe kubahirizwa no gushyirwa mubikorwa kw'aya mabwiriza (ESMF Project officer)	ESMP– Guidance Note & Template
Kugaragaza uburyo bwihariye bimwe mubikorwa bibangamiye ibidukikije bizirindwa mu ishyirwa mubikorwa ry'umushinga	Ku bikorwa byagaraje inzitizi	Umukozi wa IUCN ushinzwe kubahirizwa no gushyirwa mubikorwa kw'aya mabwiriza (ESMF Project officer)	ESMS Screening & Clearance
Gutegura iteganyabikorwa na raporo y uko aya mabwiriza akurizizwe	Ibikorwa by umushinga	Abafashinzwe gushyira mu bikorwa umushinga	ESMP– Guidance Note & Template
Gukurikirana no kugenzura ishyirwamubikirwa ry	Umushinga wose	Umukozi wa IUCN ku Rwego rwa Afurika (Regional ESMF Officer)	

¹ Warisanga ku rubuga www.iucn.org/esms

amabwiriza ku rwego rwose rw umushinga no kumenyesha izindi nzego			
---	--	--	--

Gahunda yo Gukumira Ingaruka Zaterwa no Kubuza Abaturage Uburenganzira bwo Gukoresha Umutungo Kamere w'Ahakorerwa Ibikorwa by'Umushinga

Umushinga wo Kubungabunga Ubidukikije Hagamijwe Guteza Imbere Intara y'Iburasirazuba Ibirimo

1. Intangiriro	3
1.1. Impamvu ya Gahunda yo Gukumira Ingaruka zaterwa no kubuza abaturage Uburenganzira bwo Gukoresha Umutungo Kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga	3
1.2. Ibirebana n'Umushinga	4
2. Uburemere bw'ingaruka zaterwa no kubuza abaturage uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga	8
3. Amategeko azubahirizwa mu gukumira ikoresha ry'umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'Umushinga	16
3.1. Amategeko y'u Rwanda azagenderwaho	17
3.2. Amahame Ngenderwaho ya IUCN n'ikigega cyo kubungabunga ibidukikije GCF	19
3.3. Isesengurwa ry'icyuho gihari	23
4. Gahunda izubahirizwa mu kubuza abaturage uburenganzira bwo bukoresha umutungo wamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga	25
5. Inzego zizagira uruhare mu micungire y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga	29
5.1. Inzego zishinzwe umushinga	29
5.2. Kongera Ubumenyi	32
6. Imikoranire n'Abafatanyabikrwa b'Umushinga	33
7. Isesengura ry'ibibazo bishobora kuvuka	36
7.1. Isuzuma rihuriweho	37
7.2. Ibarura ry'abaturage bagizweho ingaruka no kubuzwa gukoresha imitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga	41
8. Ingamba zo gukumira ingaruka zakomoka ku iburwa ry'uburenganzira ku mutungo bitewe kamere bitewe n'ibikorwa by'umushinga	48
8.1. Ingamba zigamijwe gukumira mu mushinga wo kubungabunga ibidukikije mu ntara y'iburasirazuba	49

8.1.1. Kugabanya ikoresheya ry'inkwi binyuze mu gutanga imbabura zironderereza ibicanwa	49
8.1.2. Gusubiranya no gucunga neza ubuhumekero bwa pariki y'Akagera	50
8.1.3. Amahirwe y'imirimo binyuzze ibikorwa byo kongera gutera amashyamba	51
8.1.4. Kuvugurura amashyamba y'abantu ku giti cyabo	52
8.1.5. Amahirwe yo kubona ibyinjiriza/ibikomeza gutunga ingo	52
8.1.6. Izindi ngamba zo gukumira	53
8.2. Igamba zo guhindura imibereho y'abagenerwabikorwa b'umushinga	54
8.3. Ibisabwa n'ibyo umuntu yemerewe n'amategeko	54
8.4. Ibyumvikanyweho ku bushake kandi mu mucyo	56
9. Ingingo y'imali y'isesengura n'ishyirwaho ry'ingamba zo gukumira ibibazo byaerwa no kubuza uburenganzira ku mitungo bitewe n'ibikorwa by'umushinga	56
10. Ikurikiranabikorwa no gutanga raporo	59
11. Ingingabihe y'itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa	61
12. Gukora gahunda y'ibikorwa y'ingamba zo gukumira ingaruka zakomoka ku gukumira abatwaga mu mitungo yagabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga	63

1. Intangiriro

- 1.1. Impamvu ya Gahunda yo Gukumira Ingaruka zaterwa no kubuza abatwaga Uburenganzira bwo Gukoresha Umutungo Kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga

1. Iyi gahunda yashyizweho hagamijwe gutanga umurongo ku itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo gukumira ingaruka zaterwa no kubuza abaturatione uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere w'ahagenewe gukorerwa ibikorwa by'umushinga, bityo bikaba byagira ingaruka ku bakoresha ubutaka bitewe no kutabasha gukoresha nk'uko bisanzwe ubutaka n'umutungo kamere wabo, mu gihe cyo gushyira mu bikorwa umushinga ugamije kubungabunga ibidukikije mu guteza imbere intara y'Iburasirazuba.

Iyi gahunda igamije gukumira, mu buryo bunoze kandi buciye mu mucyo, ingaruka ku buzima bw'Abaturage bitewe no gukumirwa gukoresha umutungo kamere w'ahakorera ibikorwa by'umushinga. Umushinga uzaba ufite ibikorwa bitandukanye bishobora gusaba ko abaturatione babuzwa gukoresha umutungo kamere w'aho ibikorwa bizakorera kugira ngo ibikorwa byo gusana ibyanya byangijwe bibashe gukorwa nta mbogamizi.

2. Umushinga uzatoranya ibikorwa biherereye mu bice bitandukanye ariko uburyo bwihariye bw'uko bizakorwa buzakorwa mu gihe cyo cy'ishyirwa mu bikorwa ryawo. Bityo, mu gihe cy'itegurwa ry'umushinga ntiharamenyekana ibikorwa bisazaba ko abaturatione badakomeza gukoresha umutungo kamere w'aho ibikorwa by'umushinga bizakorera. Bityo gahunda y'uburyo bwo gukumira ingaruka zaterwa no kuba Abaturage babuzwa gukoresha umutungo kamere w'aho ibikorwa bizakorera izategurwa ari uko ibyo bikorwa byamaze gutoranywa.
3. Bityo, hakenewe itegurwa rya gahunda izagenga ibijyanye no kubuza abaturatione gukoresha uwo mutungo kamere nk'uko biteganywa n'Ikigega cyo Kubungabunga Ibidukikije (GCF), Umuterankunga w'umushinga, ndetse nk'uko biteganywa na gahunda ay'uburyo bwo gucunga ibidukikije y'Ihuriro Mpuzamahanga ryo Kubungabunga Ibidukikije (IUCN), ndetse n'Urwego rushinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'Umushinga.
4. Iyi gahunda isesengura kandi ikerekana amategeko n'amabwiriza yakurikizwa, hagaragazwa ibigomba kwitabwaho n'ibiteganyijwe guhabwa Abaturage bazagerwaho n'ingaruka zo kuba bakwimurwa ahazakorera ibikorwa by'umushinga. Iyi gahunda igaragaza uko kubuza abaturatione ikoreshwa ry'umutungo kamere w'ahazakorera ibikorwa bizakorwa bizakorwa, ibijyanye no gutoranya ibikorwa nyirizina bizakorwa, gusesengura ingaruka z'ibikorwa by'umushinga ku baturage, imikoranyire n'abafanyabikorwa (Ibiganiro, kugira uruhare mu bikorwa by'umushinga, gutanga amakuru, ndetse no gukemura ibibazo byavuka), kugaragaza uko ingaruka zakomoka ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa by'umushinga zakumirwa, ikurikiranabikorwa no gutanga raporo, ndetse n'inzego n'ingengo yimari izakoreshwa muri ibyo bikorwa.
5. Iyi gahunda yateguwe na IUCN, yemezwa na Minisitiri y'Ibidukikije binyuze mu kigo kiyishamikiyeho cyo Kubungabunga Amashyamba (RFA). Ibigi bizashyira mu bikorwa uyu mushinga ni Ikigo cyo Kubungabunga Amashyamba (RFA), ENABEL ndetse na IUCN, ibi bigi bikazaba bishizwe gutegura no gushyira mu bikorwa imishinga n'ibikorwa bisaba ko abaturatione babuzwa uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere uri aho ibyo bikorwa bizakorera.
6. Iyi gahunda izashyirwa mu bikorwa hakurikijwe amategeko y'u Rwanda ndetse na Gahunda z'Imicungire y'Ibidukikije y'ikigega cyo Kubungabunga Ibidukikije z'ibigo bya GCF na IUCN. Hashingirwe ku ihame rya gahunda yo Kubungabunga Ibidukikije ya IUCN yo kwita cyane ku ubabaye wagizweho ingaruka kurusha undi, ihame ryo gushyira imbaraga ku rurinda no gufasha abababaye kurusha abandi n'iryo rizakurikizwa.

7. Iyi gahunda ikubiyemo uburyo bwateganyijwe n’umushinga wo kubungabunga ibidukikije mu ntara y’Iburasirazuba ndetse na gahunda z’ibikorwayihariye byose bigamije gukumira ingaruka zagera ku bagenerwabikorwa. Iyi gahunda nayo izaba ikubiye muri gahunda y’imicungire y’ibidukikije yateganyijwe n’uyu mushinga.

1.2. Ibirebana n’Umushinga

8. U Rwanda ndetse n’Intara y’Iburasirazuba by’umwihariko bugarijwe n’ibi bikurikira:

- Kwiyongera kw’amapfa, imyuzure n’inkangu bitera ingaruka z’imihindagurikire y’ibihe ku bimera n’umutungo kamere cyane cyane ku byiciro ndetse n’abaturage batunzwe cyane no gukoresha umutungo kamere
- Kwangirika k’ubutaka bitewe no kuba busakoreshwa mu buryo bunoze, bigatera ingaruka zikomoka ku mihindagurikire y’ibihe.
- Ubukene cyane cyane ku batuye mu bice by’icyaro, aho ingaruka zabwo zongererwa ubukana n’ingaruka z’imihindagurikire y’ibihe no kwangirika k’ubutaka bitewe no kubura uburyo n’ubushobozi butuma ubutaka bukoreshwa neza kugira ngo bubashe gutanga umusaruro ufasha kubona ibyo abatwaga bakeneye mu guteza imbere imibereho myiza yabo.

9. Mu rwego rwo gukemura ibyo bibazo biterwa n’imihindagurikire y’igihe, umushinga ugamije gushyiraho no guteza imbere uburyo nunoze bwo gufasha abaturage n’abandi bafatanyabikorwa kubasha guhangana n’iryo hindagurira ry’ibihe, hagamijwe kubaka ubudahangarwa rw’ibidukikije n’ubutaka by’umwihariko mu Ntara y’Iburasirazuba kugira ngo butange umusaruro kugira ngo umusaruro w’ubuhinzi wiyongeye muri ako karere bikazafasha kugabanya ubukene, hongera ubudahangarwa ku mihindagurikire y’ibihe byose bigamije kwihaza mu biribwa.

10. Uyu mushinga wo kubungabunga ibidukikije mu Ntara y’Iburasirazuba ugamije gufasha abatuye iyi Ntara guhindura no kunoza imicungire y’ubutaka kugira ngo ubutaka bwari bwarangiritse, butakibasha kwera neza bitewe n’imihindagurikire y’ibihe bubashe kongera gusubiranwa no kwitabwaho hagamijwe gufasha abaturage cyane cyane ab’amikoro make kubaka ubudahangarwa ku ngaruka z’imihindagurikire y’ibihe; aho babasha kubona ibibatunga n’amazi bihagije.

11. Iyi ntego y’uyu mushinga izagerwaho ari uko ibikorwa byawo bikozwe uko bikwiye nk’uko bikubiye muri iyi mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe 1: Ibikorwa by’Umushinga

Ikigamijwe	Ibikorwa by’Umushinga
Ikigamijwe 1: Kubungabunga ubutaka aho ibihingwa n’ibimera bibasha guhangana n’ingaruka z’iyangirika ry’ibidukikije mu Ntara	Igikorwa 1.1. Kongera ibiti bivangwa n’imyaka (Uzagikora: RFA)
	Igikorwa 1.2. Kuvugurura no kunoza imicungire y’amashyamba mato kugira ngo arusheho gutanga umusaruro no gufasha kubungabunga ibidukikije (Uzakora Igikorwa: Enabel)
	Igikorwa 1.3. Kongera ibiti biterwa mu nzuri hagamijwe gusubitanyanya inzuri zangiritse (Uzakora Igikorwa: RFA)
	Igikorwa 1.4. Kongera ingamba zo kungabunga ubutaka bwangizwaga n’imihindagurikire


y'Iburasirazuba	y'ibihe n'ubwibasirwa n'isuri (Uzakora Igikorwa:RFA)
	Igikorwa 1.5: Gufasha inzego z'abikorera n'abaturage muri rusange guteza imbere ikoreshwa ry'ibicanwa bitangiza ibidukikije cyane cyane hagabanywa ikoreshwa ry'inkwi (Uzakora Igikorwa: Enabel)
Igigamijwe 2: Gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi ndetse no guharanira ko n'ibindi bihingwa bigira ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ibihe	Igikorwa 2.1: Gufasha amashyirahamwe n'amatsinda y'abahinzi gukora ubuhinzi bubasha guhangana n'imihindagurikire y'ibihe no kubafasha kubona igishoro no kugera ku masoko biboroheye (Uzakora Igikora: IUCN)
	Igikorwa 2.2 : Gufasha gutunganya umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi mu buryo butangiza ibidukikije (Uzakora Igikorwa: IUCN)
	Igikorwa 2.3: Gufasha kubona igishoro no kugera ku mari yifashishwa mu bikorwa by'ubuhinzi butangiza ibidukikije
Igigamijwe 3: Gufasha no kongerera ubushobozi inzego z'ubuyobozi haba ku rwego rw'igihugu n'inzego zegereye abaturage mu kubungabunga ibidukikije no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe	Igikorwa 3.1: Kwimakaza ihame ry'uburinganire mu gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda zo kurengera ibidukikije (Uzakora Igikorwa: IUCN)
	Igikorwa 3.2: Kunoza uburyo bwo kungurana ubumenyi no guhanahana amakuru yifashishwa mu kungurana ibitekerezo no gufata ibyemezo mu kubungabunga ibidukikije (Uzakora Igikorwa: IUCN)
	Igikorwa 3.3: Kunoza uburyo bwo kubona no gukwirakwiza ubwoko butanduknye bw'ingembe zibasha guhangana n'imihindagurikire y'ibihe (Uzakora Igikorwa: RFA)
	Igikorwa 3.4: Gukusanya no gusangira amakuru y'uburyo bukwiye kandi bunoze mu kubungabunga ibidukikije

12. Uyu mushinga uzibanda ku ntara y'Iburasirazuba (Igishushanyo 1) ariko gace mu Rwanda gakunda kwibasirwa n'amapfa aterwa n'izuba ryinshi. Iyi ntara igizwe n'uturere turindwi aritwo: Bugesera, Rwamagana, Ngoma, Kirehe, Kayonza, Gatsibo na Nyagatare ikaba ifite ubuso bwa Km² 9,813(Ni ukuvuga 20% by'ubuso bwose bw'igihugu). Aka gace karangwa cyane n'imirambyi, ibishanga, ndetse n'ibimera bigufi haba ku misozi ndetse n'inzuri.

Pariki y'akagera iherereye mu nkengero z'iyi ntara y'Iburasirazuba, ikaba ihana imbibi n'igihugu cya Tanzaniya. Intara y'Iburasirazuba ni Intara ituwe cyane mu Rwanda aho ifite abaturage babarirwa muri 3,051,454 ni ukuvuga bangana 24% by'abaturage bose b'igihugu nabo babarirwaga muri 12,663,116 mu mwaka wa 2020.

Kimwe cya gatatu cy'abaturage bose b'intara y'Iburasirazua, ni ukuvuga ababarirwa muri 37% baba mu bukene naho 15% baba mu bukene bukabije. **Imbonerahamwe ya 2** igaragaza uko intara y'iburasirazuba ituwe ndetse n'urusobe rw'ibinyabuzima ruharangwa.

Igishushanyo 1: Ikarita y'Intara y'Iburasirazuba



Imbonerahamwe ya 2: Uko intara y'Iburasirazuba ituwe ndetse n'urusobe rw'ibinyabuzima ruharangwa

Akarere	Abaturage	Ibidukikije biharangwa
Ngoma	396,086	Aka gace k'Intara y'Iburasirazuba kagizwe n'imisozi y'ibitwa (ifite ubutumburuke buri hagati ya (m1200 na m 1500), ahanini igizwe n'ibidukikije aho ibimemera ari bike kandi bikaba byarakunze kugenda byangizwa n'ibikorwa bya muntu harimo ibikorwa by'inzuri, ibiyaga byangiritse kubera ibishanga bikorerwamo ubuhinzi, ndetse n'amwe mu mashyamba yagiye yangirika. Imvura igwa muri aka gace ibarirwa hagati ya mm 950 na 1050 ku mwaka.
Gatsibo	509,049	
Rwamagana	368,498	
Nyagatare	547,649	Ni agace k'imirambi kari ku butumburuke buri muni ya m900, kenshi usanga higanje inzuri, ibishanga ndetse ahenshi usanga hari ibimera bike, ndetse n'aho biri usanga byiganjemo ibiti birimo bigufi ubusanzwe bikunda kugaragara ku butaka bushyuha.
Kayonza	404,584	
Kirehe	400,130	
Bugesera	425,459	Akarere ka Bugesera kari ku butumburuke buri hagati ya m900 na 1,200. Aka gace kakaba karatangiye kurwangwamo ibikorwa bya muntu byangiza ibidukikije byatangiye kuhakorerwa mu minsi ya vuba, aka gace kakaba mbere kari kiganjeho amashyamba. Muri aka gace uhasanga cyane ibiyaga n' ibishanga byihariye ubuso bugera kuri ha 10,635.

2. Uburemere bw'ingaruka zaterwa no kubuza abaturage uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga

13. **Nk'uko** byagaragajwe haruguru, umushinga uzatoranya ibikorwa, ugaragaze uko bizashyira mu bikowa ndetse usesengure ingaruka zishobora guterwa no kubuza abaturage uburenganzira bwo gukoresha Umutungo Kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga.

Ibi bikazakorwa mu gihe umushinga uzaba watangiye gushyirwa mu bikorwa mu gushyira mu bikorwa gahunda yo gusubiranya ibidukikije mu ntara y'iburasirazuba ndetse ndetse n'igihe ibikorwa bizaba byamaze gukorwa. Kubwi'iyi mpamvu, mu gihe cyo gutegura umushinga, ntibiramenyekana ibikorwa bishobora gusaba ko abaturage babuzwa gukoresha umutungo kamere waho bizakorerwa, umubare w'abashobora kugirwaho ingaruka nabyo, ndetse n'uburemere bw'ingaruka zishobora kubaho. Bityo, ibikorwa binini bigaragara ko bizasaba ko abaturage ko babuzwa gukoresha umutungo kamere waho bizakorerwa nibyo bishobora kugaragazwa ubu.

14. Ibikorwa byateganyijwe byo gusubiranya ibidukikije mu turere tw'Intara y'iburasirazuba harimo amashyamba ya leta, ahantu hakomye, uduce dukunda kwangizwa n'isuri, inkengero z'ibiyaga n'imigezi, inkengero z'imihanda ndetse no bu buhumekero bwa za parike y'Akagera. Aha hose, bishobora kuba kuba ngombwa ko abaturage basanzwe bakoresha umutungo kamere waho babuzwa kuwukoresha, cyangwa se amabwiriza yarasanzwe akurikizwa agenga imikoreshejeze y'umutungo kamere w'utwo duce akaba yakazwa kurushaho kugira ngo ibimera n'ibidukikije byo muri utwo duce byongere byiganze ndetse n'ingemwe z'ibiti byatewe zibashe gyfata no gukura neza.

15. Gusa birashoboka ko hamwe mu hazakorerwa ibi bikorwa abaturage baba bakeneye gukoresha umutungo kamere waho cyane abakennye kugira ngo babashe babashe kubaho. Nk'uko byagaragajwe haruguru, 37% by'abaturage b'Intara y'iburasirazuba baba mu bukene ndetse 15% by'abaturage b'iyi ntara baba mu bukene bukabije.

Bityo birumvikana neza ko abaturage bakeneye umutungo kamere harimo ibikomoka ku mashyamba kugirango babashe kubyifashisha mu mibereho yabo.

Abaturage bashobora kubuzwa gukoresha umutungo kamere uva muri ibyo bice mu gihe kibarirwa hagati y'imyaka 2 n'imyaka 3 ku biti n'ibimera by'amatungo, hagati y'imyaka 3-5 ku biti by'imbutu ndetse n'imyaka igera kuri 20 ku biti bibazwamo imbaho. Bityo, hashobora kuba ingaruka ziremereye ku baturage cyane cyane ab'amikoro make kuko usanga baba bafite ubushobozi buke bwo kubasha kubahiriza ibisabwa n'impinduka ndetse bakaba badafite n'ubushobozi bwo kubona icyo basimbuza ibyo bari basazwe bakoresha igihe byaba bitakiboneka.

16. Zimwe mu ngaruka zishobora kugera ku baturage bitewe no kubura uburenganzira bwo gukomeza gukoresha umutungo kamere w'abo ibikorwa bizakorerwa, harimo kuura inkwi zo gucana, kubura imbaho, kubura amabuye n'imicanga byo kubaka, kubura imiti gakondo, imbuto, imigano, ubuki, ibihingwa bitandukanye, ibikorwa byo guhiga, kuragira n'ibindi. Ibi byose usanga byitabazwa mu mirimo yo mu rugo, kugurishwa mu masoko ndetse no gukoreshwa mu mihango itandukanye harimo ubukwe, gushyingura, imihango y'amadini n'ibindi.

17. **Imbonerahamwe ya 3** igaragaza ingaruka zishobora kubaho zitewe no kuba abaturage babuzwa gukoresha umutungo kamere w'ahazakorerwa ibikorwa by'umushinga ku cyane cyane ku bikorwa biteganyijwe ku ntego ya mbere y'umushinga.

Nta garuka zitezwe ku bikorwa by'intego ya 2 n'iya gatatu y'umushinga bitewe n'ubwoko bw'ibikorwa bizahakorerwa. Bityo kuko bidasaba ibikorwa byihariye bizakorerwa kuri ubwo butaka, hakubiyemo ibikorwa

bizafasha gutumba ibikorwa byakozwe bibasha kugira umusaruro ndetse hakabaho n'impinduka mu bikoreshereze inoze y'ubutaka.

Imbonerahamwe ya 3: Ingaruka zishobora kubaho bitewe no kubuza abaturage gukoresha umutungo kamere w'ahazakorerwa ibikorwa by'Umushinga ku ntego ya mbere y'umushinga (Kubungabunga ubutaka aho ibihingwa n'ibimera bibasha guhangana n'ingaruka z'iyangirika ry'ibidukikije mu Ntara y'Iburasirazuba

Ibikorwa by'Umushinga	Ingaruka zishobora kubaho	Ubukana bw'izo ngaruka			Ibizobanuro byimbitse
		Ikigero cyo kubaho	Uburemere	Ingaruka byateza	
Igikorwa 1.2. Kuvugurura no kunoza imicungire y'amashyamba mato kugirango arusheho gutanga umusaruro no gufasha kubungabuba ibidukikije					
Igikorwa: 1.2.1: Gusubiranya ubuso bwa ha 700 z'amashyamba ya leta yangiritse ndetse no gufasha kugira ngo abungabunwe bu buryo bwiza burambye	Gutakaza uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere w'amashyamba ku kubaturage b'amikoro make bakoresha cyane imbaho n'ibiziomokaho	3	2	Zigereranyije	Ntibyemewe ko amashyamba ya leta ntuyemewe gusarurwa n'abadafitse ibyangombwa byo gusarura amashyamba. Gusa, kuko usanga kenshi aya mashyamba aba adacunzwe neza bitewe no kutagura abakozi bahagije n'ingengo y'imari ijyanye no gukukirirana imicungire y'aya mashyamba, kenshi usanga yibasirwa n'abatatangira ibyangombwa by'umwihariko abaturage b'amikoro make ndetse bigatuma anangirika.

Ibikorwa by'Umushinga	Ingaruka zishobora kubaho	Ubukana bw'izo ngaruka			Ibizobanuro byimbitse
		Ikigero cyo kubaho	Uburemere	Ingaruka byateza	
<p>Igikorwa 1.2.2</p> <p>Gusubirana, ku bufatanye n'ikigo cyo kubungabunga amashyamba (RFA), ubuso bwa ha 10,000 z'amashyamba ya Leta zari zarangiritse cyane zigahabwa gucungwa n'amatsinda y'Abaturage mu buryo bw'igihe kirekire, kubafasha kugera ku masoko no kubahuza n'abashoramari.</p>	<p>Gutakaza uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere w'amashyamba ku kubaturage b'amikoro make bakoresha cyane ibiti n'ibibikomokaho</p>	2	1	Nkeya	<p>Amatsinda yo kubungabunga amashamba akora nk'amashyirahamwe agizwe n'abahinzi kenshi usanga bafite uturima duto tw'amashyamba cyangwa se ugasanga ni kompani zigenga. Guhuza imbaraga nk'amakoperative bibafasha kubasha kubona amasoko mu buryo bworohyeye ndetse no kubasha guhaza amasoko manini harimo n'aya leta. (urugero Kugemura amapoto y'ibiti). Mu gihe iki gikorwa cyagenewe gufasha abaturage kugira ngo babashe kubona inyungu zikomoka kuri ayo mashyamba, birashonoka ko bashobora kutabasha kuyakoresha uko babonye mu buryo bifuzwa cyane cyane ab'amikoro make barimo abateka bifashishije inkwi gusa.</p>

Ibikorwa by'Umushinga	Ingaruka zishobora kubaho	Ubukana bw'izo ngaruka			Ibizobanuro byimbitse
		Ikigero cyo kubaho	Uburemere	Ingaruka byateza	
1.2.3 Gusubiranywa ubuso bwa ha 6,545 z'amashyamba y'abaturage yangiritse bikomeye agasubiranywa ku bufatanye n'abaturage ndetse akitabwaho ku buryo burambye biciye mu mashyirahamwe yo gucunga amashyamba nk'uko biteganywa na gahunda zitandukanye z'imicungire y'amashyamba mu Rwanda.	Gutakaza uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere w'amashyamba ku baturage b'amikoro make bakoresha cyane imbaho n'ibiziomokaho	2	1	Nkeya	Iyi mbogamizi irashoboka ariko amahirwe yo kuba byabaho ni make kuko abaturage bazifashishwa muri ibi bikorwa byo kubungabunga ibidukikije nabo bagomba kugaragaza uruhare rwabo mu gutunganga ubu butaka. Ikindi, gutoranywa ahazakorwa ibikorwa bizakorwa biciye mu mucyo.
Ibikorwa 1.3. Kwongera ubwinshi bw'ibiti biterwa mu nzuri hagamijwe kuvugurura izangiritse					

Ibikorwa by'Umushinga	Ingaruka zishobora kubaho	Ubukana bw'izo ngaruka			Ibizobanuro byimbitse
		Ikigero cyo kubaho	Uburemere	Ingaruka byateza	
Igikorwa: 1.3.3 Kugura no Gukwirakwiza ibiti n'ibindi byatsi bigaburirwa amatungo hagamijwe kongera ubuso bw'aho amatungo arisha ndetse no gusubiranya inzuri zangiritse kugira ngo zigre ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ibihe	Kuba habaho ko abaturage cyane ab'amakikoro make Babura uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere cyane cyane aborozi usanga kenshi bifashisha ibicanwa bikomoka ku biti byo mu nzuri.	1	1	Nkeya	Aborozi bashobora kubuzwa kuragira mu gihe runaka hagamijwe gutuma inzuri zongera z kwisubira.
Igikorwa 1.4: Kunoza ingamba zo kwita no kubungabunga ubutaka bukunda kwangirika kubera imihindagurikire y'ibihe no gutwara n'isuri					
Igikorwa 1.4.1 Gusubiranya ha 700 z'inkombe z'ibiyaga n'imigezi ndetse no kubungabunga ha 700 z'inkengero z'imihanda haterwaho ibiti no gufatanya kubibungabunga	Kubura uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere ku baturage cyane ab'amikoro make kenshi bakoresha inkwi bakura mu ishyamba riteye ku nkengero z'imihanda, ndetse n'ibindi bidukikije biboneka ku nkengero z'imigezi n'inzuzi	2	1-2	Nkeya	Gutema ibiti haba ku nkengero z'imihanda n'inkomze z'imigezi n'inzuzi ntibyemewe. Bityo, Abaturage b'amikoro make bashobora gukoresha ubutaka ndetse n'amazi rwihishwa , bikaba bisaba ko habaho uburyo bwo kubabuzwa gukoresha uwo mutungo kamere kugira ngo ibice byasubiranyijwe bibashe gusubirana uko bikwiye.

Ibikorwa by'Umushinga	Ingaruka zishobora kubaho	Ubukana bw'izo ngaruka			Ibizobanuro byimbitse
		Ikigero cyo kubaho	Uburemere	Ingaruka byateza	
Igikorwa: 1.4.2 Gusubiranya no kurinda ha 400 z'ubuhumekero bwa pariki y'kagera haterwamo ibiti ndetse no kubahiriza gahunda yo gutunganya inzuri zitewemo ibiti	Gutakaza uburenganzira uburenganzira ku baturage n'amikoro make bakoresha ibicanwa bikomoka mu bita n'amashyamba yo mu guhumekero bwa pariki	2-3	2	Zigereranyije	Iyi ngaruka ishobora kwigaragaza mu buryo butandukanye ahantu hazakorerwa ibikorwa by'umushinga. Inkengero za pariki zarangiritse cyane bitewe no kuba abaturage batemamo ibiti rwihishwa ndetse no gukurikirana iyubahirizwa ry'amabwiriza yashyizweho mu kubungabunga utwo duce bikaba bidakorwa mu buryo bukwiye.

18. Mu gihe ibikorwa byose bikubiye mu mbonerahamwe ya 3 bitari ku kigero kimwe cyo guteza ingaruka ndetse bikaba bifite n'uburemere butandukanye bw'ingaruka zikomoka ku kuba abaturage babuzwa gukoresha umutungo kamere w'aho ibikorwa by'umushinga bikorerwa, bigomba kumvikana neza ko ibikorwa by'umushinga byose bigamije gusubiranya uduce twangiritse ndetse no kunoza imikoreshereze myiza y'ubutaka bishobora guteza ingaruka zitandukanye ku buzima bw'abaturage. Bityo ibikorwa byose bizakorwa mu rwego rwo gusana no kubungabunga ibyanya nk'uko bikubiye mu ntego y'igikorwa cya mbere cy' umushinga bisasuzumwa hagamijwe kureba ingaruka zose zakomoka kuri ibi bikorwa ku mikoreshereze y'ubutaka muri utwo duce.
19. Ibikorwa by'umushinga ntago birimo ibisaba kuba abaturage bakwamburwa imitungo yabo. Ibikorwa by'umushinga kandi ntibikubiyemo ibyasaba ko umutungo yimuka, butewe no gutakaza uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere w'aho ibikorwa bikorerwa, harimo abaturage bagiye batura nta byangombwa bafite bakubaka amazu mu bice bibujijwe hadakurikijwe icyo ubutaka bwagenewe.
20. Iyi nyandiko yita gusa ku mpamvu zatuma habaho kubuza abaturage gukoresha umutungo kamere ku hazakorerwa ibikorwa ndetse n'ingaruka byateza biturutse ku bikorwa by'umushinga. Aya mabwiriza akubiyemo ateganywa n'umushinga ndetse no gushyira imbaraga mu iyubahirizwa y'amabwiriza yari asanzwe ariko akaba atubahirizwaga uko bikwiye mbere y'uko uyu mushinga utangira.

21. Iyi gahunda kandi ntireba ingaruka zagera ku baturage ziterwa no kubuzwa gukoresha umutungo kamere w'aho ibikorwa bizakorerwa cyane ku bijyanye n'icungwa rya pariki y'akagera, ndetse n'amabwiriza asanzwe ashirwaho kandi akubahirizwa n'inzego zidateganyijwe muri uyu mushinga.

3. Amategeko azubahirizwa mu gukumira ikoresha ry'umutungo kamere w'ahazakorerwa ibikorwa by'Umushinga

22. Iyi gahunda izashyirwa mu bikorwa hagendewe ku mategeko yubahirizwa mu Rwanda ndetse na gahunda yo kubungabunga ibidukikije y'ikigega cyo kubungabunga ibidukikije (GCF), ndetse na gahunda yo kubungabunga ibidukikije ya IUCN. Iki gice cy'iyi nyandiko kigaragaza amategeko azakurikizwa mu gihe abaturage bazaba babujijwe gukoresha umutungo kamere cyane cyane ikoresha ry'ubutaka w'ahazakorerwa ibikorwa by'umushinga. Hagendewe ku ihame rya IUCN ry'uko abagizweho ingaruka kurusha abandi aribo bitabwaho ku ikubitiro, iri hame niryozubahirizwa mu gihe abaturage bazaba babujijwe uburenganzira ku ikoresha ry'umutungo kamere igihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga.

3.1. Amategeko y'u Rwanda azagenderwaho

23. Hagandewe kuri politiki y'ikoresha ry'Ubutaka mu Rwanda ya 2004, ndetse n'Itegeko N°43/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rikuraho itegeko ngenga No 08/2005 ryo kuwa 14/7/2005, Igihugu kiri kuhindura amategeko agenga imikoreshereze y'ubutaka aho ubutaka butariki umutungo gakondo w'umutu gusa ahubwo Leta ifite uburenganzira ku micungire yabwo.

24. Amategeko y'imicungire y'ubutaka yafataga ubutaka nk'umutungo gakondo agenda ahindagurika bitewe n'agace runaka ndetse ndetse n'imiryango y'abantu, akenshi yabaga ashingiye ku ruhererekane rw'umutungo mu bagize umuryango aho abakuru b'uburyango bahaga ubutaka ababakomokaho, abami, ndetse n'abandi batware batangaga ubutaka bashingiye ku mubano uhari, bagahererekanya ubutaka bwaba ubwo kororeraho cyangwa guhingaho. Muri make, amategeko y'imicungire gakondo y'ubutaka bwagenderaga ku micungire y'ubutaka binyuze mu buryo butatu: (1) Kuba ubutaka bwaragwa abana cyane b'abahungu, (ii) Ubutaka bwatangwa n'umutware (iii) ndetse no kuba ubutaba bidafite nyirabwo bwatangwa. Bityo birumvikana ko iherererekanya ry'ubutaka ryabaga ryemera ko ubutaka bwagirwa n'umuntu ku giti cye cyangwa itsinda ry'abantu benshi. Mu gihe cy'ubukoroni ndetse na nyuma yahoo, imicungire y'ubutaka yagiye ihinduka bukitwa ubutaka bw'umuntu ku giti cye cyangwa se ubutaka bwa Leta. Gusa ibi byakomeje gutera kuvuguruzanya kw'amategeko agenga ikoresha ry'ubutaka.

25. Hashingiwe ku ibura ry'ubutaka ndetse n'amakimbirane yakomeje kugenda avuka, u Rwanda rwashyizeho gahunda y'imicungire y'ubutaka ishingiyeye ku kuba umuntu yagira ubutaka hakurikijwe amategeko yanditse cyangwa ubutaka bukaba ari ubwa leta. Hashingiwe kuri politiki y'ubutaka mu Rwanda ya 2004, Itegeko rya 2005 /2013 ndetse na gahunda y'imicungire y'ubutaka, habayeho guhindura imiterere y'ubuhinzi buva ku kuba ubuhinzi gakondo gusa bwo kwihaza mu biribwa, buhinduka ubuhinzi bw'umwuga bugamije isoko. Itegeko ry'ubutaka ritaganyaga ko nyir'ubutaka abutungaga kandi akabukoresha kubantu cyangwa se hakabaho gukodeshwa ubutaka mu gihe kirekire kugira ngo ubukoresha agire umutekano mu kubukoresha ndetse abashe no kubukoresha neza.

26. Ubutaka bwa Leta bugabanyijemo ibice bibiri: (i) Ubutaka bwa leta buri ahantu h'umutungo rusange nk'imigezi ndetse n'inkengero zayo, amashyamba kimeza, pariki z'igihugu, ibishanga bikomye, imihanda mikuru ndetse n'imbago zayo, n'ahandi. Hari kandi (ii) ubutaka bwa Leta bufatwa nk'umutungo bwite harimo ubutaka budafite abo bwanditseho, butaka bwafatiriwe na Leta, ubutaka bwaguzwe, impano, ubutaka bwimuwemo imitungo ku nyungu runsange, ibishanga bidakomye ndetse n'amashyamba ya leta. Ku butaka bukomye ndetse za pariki z'igihugu, Politiki y'ubutaka ya 2004 iteganya uburyo n'amategeko yihariye, harimo no gushishikariza abatariye ubwo butaka kugira uruhare mu kububungabunga hashyirwamo amatsinda y'abaturage agira uruhare mu kubungabunga ubwo butaka. Bityo, itegeko No N°33/2010 of 24/09/2010 rishyiraho pariki y'Akagera, imbago zayo n'igice cy'ubuhumekero bwayo ndetse n'agace gakorerwamo ibikorwa by'iterambere rishobora gukurikizwa.

27. Muri ayo mategeko yose agenga ubutaka, nta ngingo iha abaturage uburenganzirabwo gukoresha ubutaka bwa Leta ndets n'umutungo kamere uburiho nk'amashyamba ya leta yangiritse, ibice bikomye, cyangwa se ahantu hakunda kwibasirwa n'isuri nk' inkombe z'ibiyaga n'inzuzi, amashyamba ari ku nkengero z'imihanda ndetse n'ateye mu buhumekero bwa pariki y'Akagera. Aha akaba ari naho bikorwa by'umushinga bigamije gusana.

Ibikorwa bitemewe na Leta kandi ngo bigenzurwe n'ubuyobozi ntago byemewe kandi birabujijwe, nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 26 y'itegeko ryo muri 2013 rigena imicungire n'imikoreshereze y'amashyamba mu Rwanda. Imikoreshereze yemewe y'ubutaka ishobora kwemezwa n'inzego zemewe n'amategeko cyangwa bigakorwa hashingiwe ku kibazo rukana cyihariye cyagaragajwe.

Nk'urugero, itegeko ryo muri 2013 rigenga amashyamba riteganya ko habaho gutera ibiti bivangwa n'imyaka mu butaka bwagenewe ubuhinzi n'ubworozi naho, ingingo ya 37 iteganya ko ishyamba rya leta rishobora guhabwa umuntu ku giti cye mu kuribyaza umusaruro, naho ingingo ya 40 n'ingingo ya 42 ryemera itangwa ry'uburenganzira bwo gucunga amashyamba la Leta cyangwa amashyamba y'uturere agahabwa abantu ku giti cyabo, ibigo byigenga, amakoperative, Imiryango itari iya Leta n'abandi hashingiwe ku masezerano bagirana.

Umutwe kwa VII ugaruka ku bijyanye no gutanga uruhushya ku bikorwa byo kubyaza umusaruro amashyamba harimo gukusanya ndetse no gucuruza ibikomoka ku mashyamba. Gusa, mu ngingo ya 23 biteganywa ko gusarura amashyamba ndetse no gukusanya ibiyakomokaho bishobora guhagarikwa by'agateganyo hagamijwe ko ayo mashyamba abungabungwa cyangwa se yongera kwisubira.

28. Bityo, gukusanga amashami y'ibiti ndetse n'ibiti byumye hagamijwe kubicana ndetse no gusarura ibiti bibazwamo ububare wemejwe w'imbaho zo gukoresha mu bwubatsi bw'inzu z'abaturage ndetse n'izindi nyubako, imbaho zo gukuruzwa cyangwa se ibindi bikomoka ku mashyamba bishobora kwemerwa n'inzego z'ubuyobozi, cyane cyane bitututse ku mpamvu zatangwa n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze.

29. Gusa, ingingo zirebana no kuba habaho kwishyurwa kubera nyirumutungo yaba yabujijwe uburenganzira bwo gukoresha uwo mutungo kamere ntago biteganyijwe mu mategeko by'umwihariko mu gihe ubutaka bukoreshwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

30. Itegeko N° 32/2015 ryo kuwa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, rigena uko kwimurwa bikorwa naryo ntacyo riteganya ku bijyanye no kubuzwa uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere

igihe hari ibikorwa by'umushinga bigeye kuhakorerwa. Bityo, itegeko ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ntirizitabwaho mu bijyanye n'ibikorwa by'uyu mushinga.

3.2. Amahame Ngenderwaho ya IUCN n'ikigega cyo kubungabunga ibidukikije GCF

31. Amabwiriza agenga ibijyanye no kuba abaturage babura uburenganzira ku ikoresha ry'umutungo kamere uri ahazakorerwa ibikorwa by'umushinga akubiye muri gahunda y'ikigega cyo kubungabunga ibidukikije (GCF) n'ateganyijwe muri gahunda yo kubungabunga ibidukikije ya IUCN. Ikigega cyo kubungabunga ibidukikije (GCF) cyashyizeho uburyo iyi gahunda ishyingiye mu bikorwa hashingiye ku biteganywa n'ikigega mpuzamahanga cy'Imari (IFC). Amabwiriza yakoresha mu guhe gito, nk'ibijyanye no kuba abaturage babura uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga biteganyijwe mu ngingo ya 5 (Irebana n'ikoresha ry'ubutaka ndetse no kuba nyirabwo yakwimurwa (Ingingo ya 5). IUCN nayo yateguye muri gahunda yayo yo kubungabunga ibidukikije.
32. Iki gice kigaruka cyane ku bijyanye n'amabwiriza yaba aya GCF ndetse na IUCN yo kubuza abaturage uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere, kuko umushinga udateganywa gufasha no gukoresha umutungo w'abaturage ndetse no kuba bakwimuka. Ibikubiye mu ngingo biteganywa n'amabwiriza na GCF ndetse na IUCN birahuye, ndetse bizanasobanurirwa rimwe. Ingingo z'ingenzi bitandukaniye nazo zizagaragazwa nk'uko bikwiye.
33. Aya mabwiriza y'ibigo uko ari bibiri ateganywa ibijyanye no kwimurwa ku baturage ndetse n' ibijyanye no gutakaza uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere bituma babura aho bakura ibibatunga bitewe n'ibikorwa by'umushinga ndetse no kubuza abaturage uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere uru ahazakorerwa ibikorwa.
34. Aya mabwiriza ateganywa uko izi ngaruka zizakumirwa hashingiye ku buremere bwazo, aho ibikorwa by'umushinga bizaharanira mu buryo bushoboka bwose ko ibikorwa byatuma habaho kwimuka kw'abaturage hazashakishwa uburyo bwose umushinga washyingiye mu bikorwa hatabayeho inagruka zikomeye ku baturage.

Aho bidashoboka, ingaruka zikomoka ku kuba abaturage babura uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere zigomba gusesengurwa ndetse zigakumirwa hatangwa ingurane y'ibyo umutungo yahombye, ahabwa igiciro kingana n'ibyo yatakaje hagamijwe gufasha abaturage kugira imibereho myiza.

Igihe habayeho ko abaturage bimurwa, uwimuwe ugomba guhabwa inzu. Ibijyanye no gutakaza uburenganzira ku butungo kamere wari aho bikorwa by'umushinga bikorerwa bigomba gukorwa, hatangwa amakuru mu buryo bunozwe, kuja inama, kandi abagizweho n'ingaruka zo kubura uburenganzira ku mutungo wabo bakagira uruhare rw'ibanze muri ibyo bikorwa n'ibiganiro byose. IUCN isaba ko uwagizweho ingaruka no kubura uburenganzira ku mutungo kamere asobanurirwa kandi akemera ku mugaragaro ibyo azakoresha mu kumufasha.
35. Ikigega mpuzamahanga cy'Imari (IFC) mu mahame yacyo ku mikorere, ihame rya 5 rigaragaza ko ibyitwabwaho ari ibi bikurikira: (i) kubura uburenganzira bwo gukoresha ubutaka n'umutungo kamere ku baturage cyangwa amatsinda

y'abantu (ii) kubura uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere uhuriweho nk'ibishanga, umutungo kamere w'amazi, imbaho, ibikomoka ku mashyamba, imiti gakondo, kubura uburenganzira bwo gukora ibikorwa byo guhiga, kuragira, n'ibindi...

36. Mu gihe ikigega mpuzamahanga cy'Imari (IFC) mu mahame yacyo ku mikorere, ihame rya 5 rigaragaza aho gukumira abaturage gukoresha umutungo kamere byakoreshwa aho abaturage bari basanganywe uburenganzira gakondo bwo gukoresha umutungo kamere, ndetse n'aho bari bafite umutungo bahuriyeho bose. Iyi ngingo igaragaza kandi ko abakunda gutakaza uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere akenshi baba badafite uburenganzira ku mikoreshereze y'ubutaka mu buryo bwemewe n'amategeko. Bityo iyi ngingo ishyira mu byiciro abantu badafite uburenganzira bwemewe n'amategeko ku butaka bwabo cyangwa ubwo bakoresha.
37. Amabwiriza y'ikigo IUCN, agaragaza ibigomba kubahirizwa igihe habayeho kubuza abaturage kugira uburenganzira ku mutungo kamere cyangwa se kubuzwa aho bari basanzwe bakoresha no guhindurirwa uburenganzira bari basanzwe bafite ku mikoreshereze y'ubutaka bwabo, ariko ntagaragaza neza imbogamizi ku mikoreshereze y'ubutaka ku bagizweho ingaruka n'ibyo bikorwa. Aya mabwiriza agaragaza kandi ko ibyangiritse byose bifatwa byishyurwa harimo n'abaturage bafite uburenganzira ku mikoreshereze y'ubutaka bwabo butandikwa mu bitabo, uretse abakorera ku butaka ibikorwa bitemewe.
38. Ingingo zigenderwaho muri rusange ku birebana no kuba abaturage babuzwa uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere w'aho ibikorwa by'umushinga bizakorera ni ibi bikurikira:
 - Gushyiraho uburyo bwo kubahiriza amabwiriza hagendewe ku kubanza gusesengura ingaruka z'ibikorwa ku batrage (Amabwiriza y'ikigega cy'Imari IFC/ Ikigega cyo kubungabunga ibidukikije ndetse na gahunda yo kubungabunga ibidukikije ya IUCN);
 - Guharanira ko abaturage bagira uruhare ku bibakorerwa harimo kubagezaho amakuru yose mu buryo bukwiye, kugirana ibiganiro nabo ndetse no kubaha urubuga rwo kuba bagaragaza ibitagenda neza haba mu gihe cy'inyigo, itegurwa, ishyirwa mu bikorwa ndetse ndetse n'igihe cyo gusesengura ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo gufasha ababujijwe gukoresha umutungo kamere w'aho ibikorwa by'umushinga bikorerwa;
 - Gukora ibarura n'isesengura kugira ngo hatangwe amakuru y'ibanze, gusesengura ingaruka zizaterwa no kuba abaturage bazabuzwa gukoresha umutungo kamere w'aho ibikorwa bizakorera ndetse no kugaragaza ibikwiye kwitabwaho mu bikorwa bigamije gukumira ingaruka byabagiraho;
 - Kwita by'umwihariko ku bibazo n'ingaruka ku byiciro by'abaturage bafite amikoro make harimo n'abafite ibibazo bishingiye ku kuba abagizweho ingaruka n'ibikorwa baba ari Abagabo cyangwa Abagore;
 - Gutegura gahunda z'ibikorwa byo gukumira ingaruka zaterwa no kuba abaturage babuzwa uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere uri ahazakorera ibikorwa by'umushinga, gahunda zigaragaza abakwiye kwitabwaho, gusesengura uko bafafashwa kwiteza imbere ndetse no gutegura gahunda n'ingengo y'imari yo kubafasha kongera gukomeza ubuzima busanzwe;
 - Kugaragaza uruhare rw'umushinga mu gushyira mu bikorwa gahunda zo gufasha abambuwe uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere uri ahakorera ibikorwa by'umushinga.;

- Gutegura gahunda yo guhangana n'ingaruka ziterwa no kuba hari abaturage babujijwe uburenganzira bwo gukoresha umutungo wabo, ari nabyo bizashingirwaho mu gutegura uko bizashyirwa mu bikorwa cyane cyane aho uburemere bw'ingaruka zageze ku baturage butagaragajwe neza mu gihe cy'itegurwa ry'umushinga;
 - Gutanga ingurane hashyingiwe ku ngano y'igicro cy'ibyangiritse, hashyingiwe ku gicro cyabyo ku isoko kongeraho ikiguzi cy'ibyakoreshejwe mu gihe cyo kumushyikiriza ibyo yagenewe, ndetse n'ikiguzi cy'ingungu y'ibintu ndetse na servisi zikomoka ku byangiritse;
 - Gutanga ingurane ku butaka ku baturage bakurwa mu mutungo wabo hashyingiwe ku buzima baba babayemo;
 - Kugaragaza ingamba zo gukumira ingaruka mbere y'uko abaturage bakurwa mu byabo;
 - Kugaragaza icyo umushinga uzamarira abagenerwabikorwa ba gahunda zo gukumira ingaruka ku baturage;
 - Kugaragariza abagenerwabikorwa ndetse no kwemeza gahunda z'ibizakorerwa abaturage mu kubarinda ingaruka zikomoka ku kubura uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere w'aho ibikorwa by'umushinga bizakorerwa nk'uko biteganywa n'ikigega cyo kubungabunga ibidukikije (GCF) ndetse na (IUCN).
39. Mu gihe habayeho gutakaza uburenganzira ku mutungo, hagomba kubaho kugaragaza ibikwiye kwitabwaho ndetse n'ibigenewe abagezweho ingaruka n'ibyo bikorwa hagamijwe kubafasha kongera kugira imibereho myiza harimo:
- Gutanga ingurane hashyingiye ku gicro cy'ingangiritse haba ku butaka cyangwa se undi mutungo w'abantu basanzwe bafitiye uburenganzira bukurikije amategeko;
 - Kutanga ingurane hashyingiwe ku gaciro cy'ibyangiritse ku wundi mutungo utari ubutaka;
 - Gushyiraho ubundi buryo bwafasha guteza imbere imibereho myiza y'abagezweho n'izo ingaruka ndetse no kongera kubashakira icyatuma babasha kongera kugira ubushobozi bwo kwinjiza amafaranga.
40. Ku bantu bagizweho ingaruka no kuba babujijwe gukoresha umutungo kamere uri aho ibikorwa bikorerwa bashobora kwemerewe kuba bakomeza gukoresha uwo mutungo igihe utagiritse bikomeye cyangwa se bakemererwa gukoresha undi mutungo kamere baba baremerewe nk'ingurane yo kuba waba ubafasha kubaho mu gihe gito. Igihe kuba bahabwa undi mutungo wakwifashishwa bidashoboka, hashobora kwitabazwa ubundi buryo bwo kubafasha kubona icyababeshaho harimo koroherezwa kubona inguzanyo, guhabwa amahugurwa, guhabwa amafaranga, no guhabwa akazi gatuma bashobora kugira ubushobozi bwo kwibeshaho nka mbere.
41. Mu gihe habayeho kwimurwa mu mitungo yabo hagomba kubaho kugaragaza ibyo abagizweho ingaruka bemerewe kugira ngo bahabwe ingurane ku mutungo wangiritse hatangwa inzu ihwanyije agaciro n'iyangiritse cyangwa ifite zgaciro kayirenze kandi uyihawe agahabwa uburenganzira kuri yo, cyangwa agahabwa ingurane y'amafaranga ahwanyije agaciro na ya nzu, ndetse agafashwa kwimurwa; ibi bigakorwa kuti bese uretse abatuye ku butaka badafitiye uburenganzira n'ibyangombwa byemewe n'amategeko. Abaturage bimuwe ariko badafite ibyangombwa by'ubutaka bwabo nabo bagomba guhabwa inzu kugirango bafashwe kubasha kongera gutura igihe kuvanywe muri bwa mutaka bakoresheje ku ngufu.
42. Mu rwego rwo gukumira ko abaturage bakomeza kwangiza umutungo ahakorerwa ibikorwa by'umushinga, ubuyobozi bw'umushinga cyangwa se urundi rwego rwa Leta rushyiraho igihe ntarengwa abaturage bazafashwamo.

3.3. Isesengurwa ry'icyuho gihari

43. Isesengura rigaragaza ko hari icyuho mu mategeko rusange agenderwaho mu bijyanye no kubuza abaturatione uburenganzira ku ikoresha ry'ubutaka n'umutungo kamere ndetse n'ibijyane n'uburyo bwo gukumira ingaruka zabyo ku mibereho y'abaturatione. Ikigega cyo Kubungabunga ibidukikije GCF /IFC cyashyizeho amabwiriza yo gukumira ingaruka ku mibereho y'abaturatione bagizweho ingaruka n'ibikorwa byo kubuzwa uburenganzira, ahubwo bakinjizwa muri gahunda n'ibikorwa byo kugena uko byakorwa, gukumira ingaruka ndetse no kubungabunga umutungo kamere mu bikorwa by'umushinga.

Nubwo amategeko y'u Rwanda ateganya ibijyanye no gukoresha abaturatione mu bikorwa byo kubungabunga umutungo kamere, nta buryo buhari bufatika bujyanye no gufasha abaturatione babujijwe gukoresha umutungo kamere wabo uherereye aho ibikorwa by'umushinga kugirango babashe kugira imibereho myiza, by'umwihariko abafite amikoro make.

Bityo, Gahunda yo gukumira ingaruka zaterwa no kubuza abaturatione uburenganzira bwo bukoresha umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa muri uyu mushinga wo kubungabunga ibidukikije mu ntara y'iburasirazuba izashyirwa mu bikorwa hashingiwe ku biteganywa n'amabwiriza y'ikigega cyo kubungabunga ibidukikije (GCF) ndetse na gahunda ya IUCN.

44. Isesengura ryakozwe rigaragaza kandi ko hari intege nke ku bijyanye no kuba hari abaturatione batarandikisha ubutaka bwabo bugicunzwe mu buryo bwa gakondo. Ikindi cyagaragaye ni uko abaturatione bafite amikoro make, abaturatione babaho mu bukene ndetse n'ababaho mu bukene bukabije akenshi bakomeza gukoresha mu buryo butemewe umutungo kamere uri ku butaka bwa Leta bitewe no kugira ubushobozi buke bw'imibereho.

Umutungo kamere ndetse n'ubutaka bukoreshwa mu buhinzi mu bice bikorerwamo ibikorwa by'umushinga (amashyamba ya Leta, amashyamba y'abaturatione, inkombe z'ibiyaga n'imigezi, ikengero z'imihanda ndetse n'ibiyanya by'ubuhumekero bwa pariki) kenshi usanga birimo umutungo kamere wifashishwa n'abaturatione, aho usanga uwo mutungo wifashishwa mu kubona ibibatunga mu buzima bwa buri muni ndetse no kubona aho bakura amafaranga biciye mu kugurisha ibiva muri uwo umutungo kamere.

45. Umushinga uzibanda cyane ku ngaruka cyane ku abaturatione b'abamikoro make bazimurwa bitewe no kwamburwa uburenganzira ku ikoresha ry'umutungo kamere w'ahazakorerwa ibikorwa by'umushinga, cyane abari muni y'umurongo w'ubukene, abatagira ubutaka, abasheshe akanguhe, abagore n'abana, abasigajwe inyuma n'amateka, ndetse n'ibindi byiciro by'abaturatione usanga akenshi bishobora kugira ubushobozi bucyeye bwo gukurikiza icyo amategeko y'igihugu akena ku ikoresha ry'ubutaka mu buryo bukwiye.

Aho bizagaragara ko abaturatione batakaje umutungo kamere bari basazwe bawukoresha mu buryo bunyuranyije n'amategeko nabo bazitabwaho mu byiciro by'abazafashwa bakazafasha hakurikijwe ingingo ziteganywa n'ikigega cy'imari ICF/ GCF aho biteganywa ko abaturatione basanzwe bakoresha uwo mutungo kamere mu buryo butemewe n'amategeko bashobora guhabwa ingurane ihwanye n'ibyo batakaje ariko itari iy'ubutaka.

46. Umushinga ntuteganya ibikorwa bijyane no kuba abaturage bakwamburwa umutungo w'ubutaka bwabo. Umushinga kandi ntuzita ku bikorwa byasaba kwimura abaturage barimo abatuye mu buryo bunyuranyije n'amategeko bubatse inzu mu byanya bibujijwe nta burenganzira ku butaka bafite.

47. Bityo, mu rwego rwo kwirinda ko abaturage kugerwaho n'ingaruka ziterwa no kubuza abaturage uburenganzira bwo bukoresha umutungo wamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga cyane cyane ku baturage b'amikoro make, gahunda ikurikira izubahirizwa:

4. Gahunda izubahirizwa mu kubuza abaturage uburenganzira bwo bukoresha umutungo wamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga

48. Hashingiwe ku biteganwa n'amabwiriza ya IUCN avuga ko ihame ryo kuba uwagezweho n'ingaruka kurusha undi yitwabwaho ku ikubitiro, iri hame ihame niryo bizubahirizwa, bityo umushinga ukaba wemeje ko iyi gahunda ariyo ikurikizwa mu kubuza abaturage uburenganzira bwo bukoresha ubutaka n'umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga byose.

49. Iyi gahunda yo kubuza abaturage uburenganzira bwo bukoresha umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga izakurikizwa gukora ibikorwa byose by'umushinga wo gusubiranya no kubungabunga ibidukikije mu Ntara y'Iburasirazuba, aho ishyiraho uburyo bushya bwo kubuza abaturage uburenganzira cyangwa se hagakoreshwa uburyo bwari busanzwe. Gahunda yo kubuza abaturage uburenganzira bwo bukoresha umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga izahyirwa muri buri gahunda y'ibikorwa by'umushinga.

Isesengura ry'Ibikorwa

- Muri gikorwa mu bigize umushinga kizasesengurwa hagamijwe kureba niba ari ngombwa ko habaho gahunda yo kubuza abaturage gukoresha umutungo kamere w'aho ibikorwa by'aho umushinga ukorerwa mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ryawo no gusesengura niba hakenewe guteganya no gushyira mu bikorwa gahunda yo gukumira ingaruka zaturuka kuri uko bukuzwa uburenganzira ku baturage.

Itegurwa rya Gahunda yo kubuza abaturage uburenganzira bwo bukoresha umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga

- Buri gikorwa cy'umushinga gisaba kubuza abaturage uburenganzira bwo bukoresha umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga kizategurirwa gahunda yihariye y'ibikorwa yo gukumira ingaruka zakomoka kuri iryo buzwa ry'uburenganzira.
- Buri gahunda yose ateguwe yo kubuza uburenganzira abaturage bwo gukoresha umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa izashyikirizwa IUCN kugirango izuzumwe, yemezwe n'Ikigo cy'Igihugu cyo kubungabunga amashyamba ndeste itanganzwe ku rubuga rwa IUCN ndetse n'urw'Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga amashyamba.
- Igihe havutse izindi ndgaruka zitari zarabashije kugaragazwa mbere zikagaragara nyuma y'uko gahunda y'ibikorwa yo gufasha abahuye n'izo ngaruka yari yararangiye gutunganywa, gahunda ivuguruye nayo izategurwa, isuzumwe, yemezwe kandi nayo itangazwe.

- Umushinga ndetse n'ibikorwa byawo uzagerageza gukumira, kubaganya ibukana ndetse no guhangana n'ingaruka zishobora gutuma habaho gutakaza umutungo cyangwa kwimuka nk'uko biteganywa mu mahame y'Ikigega cyo kubungabunga ibidukikije GCF ndetse na IUCN.

Gukorana n'Abafatanyabikorwa

- Ibikorwa byose aho bizakenerwa ko gahunda yo kubuza abaturage gukoresha umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga ndetse n'ibikorwa aho bizakenerwa ko abafatanyabikorwa bazabigiramo uruhare bizashyirwa muri gahunda y'imikoranire n'abafatanyabikorwa.
- Abaturage bazakurwa mu byabo n'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga bazaganirizwa bamenyeshwe ibijyanye no kuba bakumirwa ku mikoreshereje y'umutungo kamere igihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga ndetse na gahunda yo guhangana n'ingaruka zakomoka ku kubuzwa uburenganzira ndetse bazahabwa n'umwanya wo kugira uruhare mu gutegura ibikorwa aho abagizweho ingaruka bazafashwa binyuze mu buryo bworoshye, bwumvikana kandi butanyuranyije n'imibereho bari basanzwe babayemo. Ingamba sose zizumvikanwaho mbere y'uko zishyirwa mu bikorwa.
- Gahunda yo gukumira abaturage ku burenganzira bwo gukoresha umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga, zaba gahunda z'agateganyo ndetse n'izemejwe zizagaragarizwa abagenegerwabikorwa kugira ngo basuzumwe kandi bazitangeho ibitekerezo. Gahunda nizimara kwemezwa kandi nazo zizashyikirizwa abagenenerwabikorwa. Amakuru yose ku bikorwa by'abafatanyabikorwa azashyirwa hamwe uko bikwiye.
- Mu gihe cy'itegurwa ry'umushinga, hazashyirwaho gahunda yo gumekura ibibazo bizagaragazwa ku bufatanye n'abafatanyabikorwa bose, ndetse iyi gahunda igaragarizwe ahagezweho ingaruka no kubura uburenganzira ku ikoresha ry'umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga bose. Iyi gahunda kanzi izaharanira ko ibibazo byagaragaye bikemurwa mu mucyo kandi byihuse.

Abazagerwaho n'ingaruka z'umushinga

- Ingo z'abafite amikoro make ndetse n'ingaruka zizahura nazo kubera gutakaza uburenganzira bwo gukoresha umutungo kamere zizagaragazwa mu ibarura rizakorwa kuri buri gikorwa cyose cy'umushinga. Ibitekerezo by'abagizweho ingaruka bose bizitabwaho haba mu biganiri ndetse no mu gutegura ibikorwa byo kubafasha guteza imbere imibereho yabo mu kubarinda ibibazo no kugabanya ubukana bw'ingaruka byabagiraho.

Gusesengura Ingaruka zo kubuza abaturage Uburenganzira bwo Gukoresha Umutungo Kamere w'ahakorerwa ibikorwa by'umushinga

- Hazakorwa isesengura ryimbitse ku ngaruka gahunda yo gukoma imitungo y'abaturage izagira ku buzima bwabo, hazabarwa umutungo wabo wangiritse, hakorwe isesengura ry'uburyo bari babayeho, ndetse hasesengurwe n'agaciro k'imitungo yangiritse ndetse n'inyungu yayo.
- Hashingiwe ku isesengura ry'ingaruka zizaterwa no kubuza abaturage gukoresha umutungo kamere ku ishyirwa mu bikorwa ry'igikorwa runaka, isesengura ku ngaruka ku mibereho y'abaturage zizifashishwa mu guhitamo ingingo zihariye zizakoreshwa mu kugaragaza ibizagenderwaho ndetse n'uburyo abagizweho ingaruka n'iyi gahunda bazafashwa.

Ibizagenderwaho mu guhitamo abazitabwaho

- Abantu bose bagezweho n'ingaruka za gahunda yo kubuza abaturage gukoresha umutungo kamere w'ahakorerwa ibikorwa harimo n'abadafite uburenganira ku butaka, bakoresha ubutaka bukumiriwe ndetse n'umutungo kamere uherereye aho hantu mbere y'itariki ntarengwa yashizweho igaragaza igihe ubufasha buzamara, bese bazaba bari mu bazafashwa guhangana n'ingaruka, aho bazahabwa ingurane no gusanirwa ibyangiritse nk'uko buteganyijwe hatitawe ku buryo ingarukza zabaye zaba zihoraho cyangwa iz'umwanya muto, zaba ri nkeya cyangwa nyinshi. Abaturage badafite uburenganzira ku butaka nabo bazitabwaho mu gukumira izo ngaruka.
- Hazatangazwa itariki ntarengwa y'igihe ubufasha bugombaa kumara kandi igatangazwe mu gihe cyo gutangira isesengura ry'izi garuka kuri buri gikorwa mu rwego rwo kwirinda ko hari ababyitwaza bakangiza ibidukikije muri cya gihe bemerewe kuhatura.

Ibyo umushinga uzagera abagizweho ingaruka n'ibikorwa byawo

- Gutanga ingurane ku bikorwa byangijwe igihe abaturage bambura uburenganzira ku mutungo wabo bizabarwa hashyingiwe ku gaciro umutungo wangiritse wari ufite, haba habayeho ubwumvikanye busesuye bwo kuba umuturage yakomeza gukoresha umutungo ariko ku mabwiriza runaka, cyangwa se bagahabwa uburenganzira bwo gukoresha undi mutungo kamere nawo ushobora kubafasha. Igihe nta mutungo kamere uhwanye n'uwo umuturage yakoresheje ubashije kuboneka, hashobora gutangwa ibyafasha wa muntu kubasha kubaho harimo guhabwa akazi, amahugurwa, gufashwa kubona inguzanyo, cyangwa se agahabwa amafaranga kugirango abashe gukomeza kubaho nk'uko yariho mbere.
- Igihe umuturage atakaje ubutaka cyangwa se inyubako, ibi bizasimburwa n'ibikoresho bihwanyije agaciro cyangwa karenzeho cyangwa se ahabwe amafatanga bihwanyije agaciro yabazwe hashyingiywe ku giciro gikiye kuri ku isoko hiyongereyeho amafaranga yakoresheje kugirango ayo mafaranga amugereho, inyungu kuriyo, ikiguzi cy'ibyangiritse ndetse n'andi mafaranga yose ashobora kuba yakoresheje kandi utabaze uguta agaciro kwabyo. Ku ngurane y'ubutaka, cyangwa se amazu, ikiguzi cyose kishyurwa n'umushinga. Inzu ntago zizatakaza agaciro bitewe n'imyaka zimaze. Abari batuye mu buryo bwemewe n'amategeko bazaba bafite uburenganzira ku bikorwa byose byo gufasha abagizweho n'ingaruka utabariyemo igiciro cyo kuba atakaje ubutaka.
- Abaturage bimuwe bazahabwa uburenganzira ku butaka, inzu zikiye, ubufasha bw'inzego ndetse no kubasha kugera ku bikorwa remezo.
- Ku baturage bazaba bimutse bitewe n'ibikorwa by'umushinga, bazahabwa ubufasha bwose n'inkunga ku bikorwa by'umushinga. Gusubiranya ibidukikije byari byarangiritse ndetse no gukoresha neza ubutaka muri buri gikorwa cyose cy'umushinga bimwe mu biteganyijwe mu gukumira ingaruka ziterwa no kuvutswa uburenganzira ku mutungo, bityo ibi bizashyirwa muri gahunda y'umucungire y'ibikorwa byakozwe.
- Ubufaha bwose bungomba gutangwa mbere y'uko gahunda zo kubuza uburenganzira abaturage ku mutungo zishyirwa mu bikorwa.

Ikurikiranabikorwa n'Igenzura

- Uburyo buboneye bw'ishyirwamubikorwa rya gahunda y'ibikorwa yo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga kuri buri gikorwa cy'umushinga hamwe n'ingaruka ku ngamba zabyo ku mibereho y'abaturage bavanywe mu byabo kubera ibikorwa by'umushinga bizakorerwa isuzuma nyuma

y'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa yo gukumira abaturage ku mitungo yabo mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga.

Ibisabwa mu kwemeza ibikorwa by'umushinga

- Kuri buri gikorwa cy'umushinga, inyandiko y'agateganyo ya gahunda y'ibikorwa yo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga izashyikirizwa IUCN kugira ngo iyisesengure, bityo iyitangeho ibitekerezho. Nyuma yo gusubiramo inyandiko ya nyuma, gahunda y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga izemeza inyandiko ya nyuma y'iyi gahunda y'ibikorwa ndetse imenyeshwe abantu. Ukwemezwa kw'iyi gahunda y'ibikorwa ni imwe mu ngingo zishingirwaho muri ESMS mu kwemeza ibikorwa ndetse no gutangira kwa gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'umushinga.
- Ishyirwa mu bikorwa risesuye ry'inyandiko ya gahunda y'ibikorwa ya nyuma yo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'umushinga nk'uko byagaragajwe haruguru (ingamba zose zo gukumira zemeranyijweho zigomba kuba zihari) ni imwe mu ngingo z'ingenzi zo gutangiza ku mugaragaro itariki y'imikorere myiza ya gahunda yo gukumira abaturage mu mirima yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga ndetse n'itangiza ryo kuvugurura ingamba zo gukumira zerekeranye n'ibikorwa bifite ingaruka zikomotse ku gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga.
- Raporo zigaragaza aho umushinga ugeze zizaba zikubiyemo isesengura ry'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga mu gihe cyose cy'umushinga

5. Inzego zizagura uruhare mu micungire y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga

50. Uruhare n'inshingano mu bigendanye n'igenemigambi ishyirwa mu bikorwa ndetse n'ikurikirana ry'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'umushinga bigenwa hashingiwe ku mpamvu zitandukanye zigaragazwa hasi. Na none kandi, ibikorwa bigamije kubaka ubushobozi ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ryo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga byarateguye.

5.1. Inzego zishinzwe umushinga

51. Urwego rubarizwamo umushinga ni Minisiteri y'Ibidukikije binyuze mu kigo cy'Igihugu gishinzwe Amashyamba (RFA). Umushinga uzashyirwa mu bikorwa n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amashyamba, IUCN Rwanda ishami ry'u Rwanda, ikigo cy'Ububiligi cy'Iterambere n'ubutwererane, Enabel (yahoze ari BTC) nk'urwego rushinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga. Umushinga kandi ufite bafatanyabikorwa batandukanye bazatanga serivisi ku bikorwa binyuranye by'umushinga barimo World Agroforestry Centre (ICRAF), ICCO Cooperation na World Vision Rwanda, ishimi ry'u Rwanda. Iyi miryango yose izaba ifite inshingano zinyuranye ku bikorwa bitandukanye by'umushinga bikubiye mu gikorwa No1: Kuvugurura ubutaka mu rwego rwo gushyigikira urwego rw'ubuhinzi no guhindura imibereho y'abaturage mu ntara y'ubursirazuba, ibintu bizatuma habaho gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ibikorwa by'umushinga.

52. NK'urwego rwahawe uburenganzira ku mushinga, **IUCN** izakurikirana ishyirwamu bikorwa ry'umushinga, kandi ni nayo ifite inshingano zo kubazwa na GCF ibikorwa by'umushinga. IUCN ni yo ifite inshingano mu gukurikira ko ibisabwa byose mu mabwiriza y'umushinga byubahirizwa birimo imitungo y'amasoko, icungamutungo, gutanga raporo, igenzura ndetse n'andi mabwiriza ajyanye no kurengera ibidukijije n'umutekano w'abantu mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga. Inshingano z'urwego rushyira mu bikorwa umushinga ruzakorwa ku bufayanye na porogaramu iri ku cyicaro gikuru cya IUCN (GEF & GCF Coordination Unit, Global Finance Unit, Global Forest Programme) ndetse n'ibiro byayo mu Karere k'uburasirazuba n'amajyepfo y'umugabane wa Africa (ESARO). Umuhuzabikorwa wa IUCN ushizwe gukurikira uko ibidukijije n'umutekano bizitabwaho mu gihe cy'umushinga azakurikirana kandi yemeze gahunda y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'umushinga, azakurikirana kandi ibikorwa ndetse anemeze izi nyandiko mu rwego gushyigikira gahunda y'amahugurwa ku miberego y'abagenerwabikorwa
53. Ikigo cy'Igihugu cy'amashyamba kizaba gishinzwe ishyirwa mu bikorwaho mu gihugu bikorwa n'amashami y'iki kigo atandukanyeku rwego rw'igihugu, ishami rishinzwe ubuhinzi n'umutungo kamere, ndetse n'andi mashami ari kurwego rw'uturere asinwe amashyamba n'ubuhinzi **biri mu gikorwa cya 1.1:** Gukwirakwiza uburyo by'ibiti bivangwa n'imyaka (bukorwa na ICRAF na IUCN Rwanda); **Igikorwa cya 1.3:** Gukwirakwiza gahunda yo gutunga inzura haterwamo ubwatsi bwihanganira imihindagurikire y'ibihe mu rwego rwo gutunganya inzura n'ubutaka byangiritse (hamwe na ICRAF); ndetse n'igikorwa **1.4:** Ingamba zo kurinda uburyo bwo kuvugurura zizakwizwa hira no hino mu bice bifite ibyago byinshi byo kwibasirwa n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe zirimo isuri y'ubutaka. Ishami rishinwe gukurikira ibikorwa by'umushinga rizashyirwaho muri RFA.
54. Igikocy'Aabiigi gishinzwe ububanyi n'amahannga n'ubutwererane kizagira uruhare mu gutanga ubunararibonye mu ishyirwa mu bikorwa ry'imishigaifite aho ihuriye n'amashyamba mu Ntara y'uburasirazuba harimo n'uburyo bw'imicungire irambye y'amashyamba. Umuruango uzaba ufite inshingano ku gikorwa cya 1.2: Amashyamba n'ibiti byavuguruwe ndetse bicunzwe neza bigamijwe imicungire irambye ndetse n'igikorwa cya 1.5: Ingufu zitangiza ibidukijije, hakoreshejwe uburyo bw'ikoranaubuhanga mu rwego rwo gufasha urwego rw'abikorera ndetse n'abaturage kugabanya ikigero cy'inkwi zicanwa.
55. Uruhare n'inshingano z'imicungire y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu ihe c'ibikorwa by'umushinga bigaragazwa mu mbonerahamwe ya 4.

Imbonerahamwe ya 4: Uruhare n'inshingano z'imicungire y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu ihe c'ibikorwa by'umushinga

Abafatnabikorwa mu mushinga	Inshingano
-----------------------------	------------

Abafatnabikorwa mu mushinga	Inshingano
<p>Urwego ruyoboye rushyira mu bikorwa umushinga</p> <p>Impuguke mu mibereho</p>	<p>Gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa mu rwego rwo gukemura ingamba zakomoka kukubuzza abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga</p> <ul style="list-style-type: none"> • Niba ibikorwa byinshi bifite urwego rushyira mu bikorwa rubishinzwe kukureba impamvu z'ingaruka zikomoka ku gumira abaturage mu mitungo kubera ibikorwa ny'umushinga • Niba inzego ziyoboye ishyirwa mu bikorwa zigomba gutera mu buryo bushoboka.
<p>Impuguke mu mibereho</p> <p>Umukozi wa IUCN ushinze ikurikiranabikorwa n'igenzura</p> <p>Umukozi wa IUCN ushinze ESMS ku rwego rw'Akarere</p>	<p>Guharanira ko ibikubiye mu nyandiko y'imikorere bubahirizwa</p> <p>Gushyigikira itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa gahunda y'ibikorwa mu bijyanye n'ingaruka zo gukumira ingaruka zikomoka gukimira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga</p>
<p>Umukozi wa IUCN ushinze ikurikiranabikorwa n'igenzura</p>	<p>Gusesengura ibikenewe mu bikorwa byo gukimira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga</p> <p>Gusesengura, gusubiramo gahunda y'ibikorwa byo gukimira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga</p>
<p>Umuhuzabikorwa wa IUCN ushinze ESMS ku rwego rw'isi</p> <p>Umukozi wa IUCN ushinze ESMS ku rwego rw'Akarere</p>	<p>Gusesengura, gusubiramo, kwemeza no gutanga amakuru kuri gahunda y'ibikorwa byo gukimira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga</p>
<p>Umukozi wa IUCN ushinze ikurikiranabikorwa n'igenzura</p> <p>n'umukozi ushinze ibikorwa byo kuri site</p>	<p>Igenzura cy'ibyo umushinga wafashije mu mibereho y'abagenerwabikorwa</p>
<p>Impuguke mu mibereho</p> <p>Umukozi wa IUCN ushinze ikurikiranabikorwa n'igenzura</p> <p>Umukozi wa IUCN ushinze ESMS ku rwego rw'Akarere</p> <p>Umuhuzabikorwa wa IUCN ushinze ESMS ku rwego rw'isi</p>	<p>Kongerera ubumenyi b'urwego rushinzwe ibikorwa by'umushinga n'abakozi Capacity building training of EE and b'inzego zitanga serivise mu bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa byo gukimira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga</p>
<p>Impuguke mu mutekano w'abantu n'imibereho</p>	<p>Isesengura ry'ishyirwaa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa byo gukimira abaturaga mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga</p>

5.2. Kongera Ubumenyi

56. Abakozi b'urwego rushyira mu bikorwa umushinga n'abatanga serivisi zifite aho zihuriye n'ishyirwa mubiorwa ry'ibikorwa by'umushinga bazitabira amahugurwa ku bijyanye n'umutekano w'abantu na gahunda yo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ishyirwa mubikorwa ry'umushinga ndetse n'imikoreshereze y'ubutaka. Aya mahugurwa azaba agizwe n'amasomo 2.
57. Isomo rya mbere rizafasha abakozi bose bakorera kuri site z'imishinga, abakora ku rwego rw'akarere no kurwego rw'igihugu amakuru yose ajyanye na politiki n'amategeko ajyanye n'ibisabwa kuri gahunda yo gumumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga
58. Isomo rya kabiri rizatanga abakozi bazaba batoranyijwe basanzwe bafite aho bahuriye n'itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya gaunda y'ibikorwa y'ingamba zigamije gumura ingaruka zikomoka ku gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga kugira ngo bahabwe umurongo mugari binyuze mu magambo no mu bikorwa. Amahugurwa azakorwa muri gahunda y'ibikorwa bya mbere bizakenera gushyiraho uburyo bwo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga mu rwego rwo kubaha ubumenyi ngiro n'ubunararibunye ku buryo bikorwa. Ibyifashishwa mu gusesengura ingaruka zikomoka ku kubuza abaturage umutungo wabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga birimo inyandiko z'ibibazo ku isensengura rihuriweho, ndetse n'isesengura makuru ku bantu bagizweho ingaruka ku bikorwa by'umushinga, imitungo, ibi byise bakazabihugurirwaho.
59. Uburyo bwo gukora aya magugurwa bishobora gukenera gukoresha ubundi buryo bwo guhuguramo bitewe n'ingamba n'amabwiriza yo kwirinda icyorezo cya Covid-19 atemera ko abantu bahura imbonankubone.

6. Imikoranire n'Abafatanyabikorwa b'Umushinga

60. Imikoranire iboneye n'Abafatanyabikorwa b'umushinga ni uburyo bwiza bufasha imigendekere myiza n'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga hamwe n'ibikorwa byayo. Ibi kandi bigira uruhare rukomeye mu gukumira ibibazo by'imibanire byavuka mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga biturutse ku gukumira abagenerwabikorwa kugera ku mutungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga ndetse n'imikoreshereze y'ubutaka bwabo.
61. Imikoranire myiza n'abafatanyabikorwa kuri buri bikorwa by'umushinga izagira uruhare ku kigero n'uburemere bw'ibyo Urwego rushyira mu bikorwa umushinga ruzageraho. Ibi birimo:
- Gusesengura ibikorwa bigize umushinga hagamijwe kureba ingaruka zishobora gituruka ku ikomwa ry'imwe mu mitungo y'abaturage nk'ubutaka kugira ngo butunganywe muri gahunda z'umushinga
 - Gusesengura ingaruka zishobora guterwa n'ikomwa ry'imitungo y'abagenerwabikorwa b'umushinga ndetse no gukusanya no kwegeranya amakuru ku bantu bose bazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga
 - Gushyiraho uburyo ndetse n'ingamba ziboneye zigamije gukumira ibibazo bishobora kuvuka biturutse kuri gahunda o gukoma bumwe mu butaka bugitegereje gutunganwa
 - Gukurikirana ndetse no gukora isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa by'umushinga

62. Imikoranire myiza y'abafatanyabikorwa b'umushinga n'uburyo bwo gucunga neza gahunda yo gukoma imwe mu mitungo yabo nk'ubutaka kugira ngo butunganywe igizwe n'ibi bikurikira:
- Ibiganiro n'abafatanyabikorwa kuri buri politiki yose ikubiye muri gahunda z'ibikorwa by'umushinga
 - Gutangaza amakuru yose y'ingenzi ajyanye n'ibice bizakomwa no gumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga harimo gushyiraho inyandiko igaragaza uko iyi gahunda izakorwa kuri buri gikorwa cy'umushinga kizakenera habaho iyi gahunda mu mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga nk'uko bigaragara mu gice ca 4 cy'iyi nyandiko
 - Uruhare rw'abazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga kuri buri gikorwa cy'umushinga kugira ngo impande zombi zumvikane ndetse zemeranywe ku ngamba z'uburyo ibibazo byavuka bizakemurwa.
63. Mbere y'uko ibikorwa by'umushinga bitangira, abantu bose bazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga bazabanza kwemeraya kuri gahunda yo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga ndetse n'ingamba zigamije gukumira bimwe mu bibazo bishobora kuvuka. Umushinga uzabanza kugira inyandiko zabyo zibyemeza.
64. Gushyiraho uburyo buboneye bushinzwe gufasha abantu batanyuzwe cyangwa se bafite icyo batishimiye mu bikorwa by'umushinga. Uburyo bw'imikoranire myiza n'abagenerwabikorwa b'umushinga bugomba gukorwa mu buryo buhoraho kandi budahinduka, ndetse abarebwa n'umushinga bose bakabugiramo uruhare (reba igice cya 7 cy'iyi nyandiko)
- **Ibiganiro n'amatsinda yatoranyijwe ndetse n'ibiganiro n'abantu ku giti cyabo batoranyijwe:** Ibi biganiro bizahuza abantu bose bazaba bagizweho ingaruka ku mitungo yabo. Ibi bizakorwa hashingiwe kuri gender, amikoro y'abagerwabikorwa, ubwoko bw'igikorwa, n'ibindi. Abagerwabikorwa bandi b'ingenzi byagaragara ko bakenewe bashobora kubazwa mu rwego rwo kungurana ibitekerezo nno kwemeranya kurigahudayo gukumira abaturage mu mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga ndetse n'ingamba zashyirwaho mu gukumira ingaruka zose zakomoka kuri iyi gahunda.
 - **Inama rusange:** Izi nama zizajya zihuza abantu bose bazagizweho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga byo gumira abaturage mu mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga. Ibi bizitabirwa n'abagore n'abagabo ndetse n'ibindi byiciro bya sosiyete hamwe n'abandi bafatanyabikorwa b'umushinga byagaragara ko bakenewe muri iyi gahunda. Haza hagamijwe (i) Kubagezaho amakuru y'ingenzi areba umushinga ndetse n'imyanzuro yavuye mu biganiro byihariye byahuje amatsinda y'abagenerwabikorwa b'umushinga ndetse n'inyandiko y'uko bizagenda (ii) Kubasangiza ibyo impande zose zemeranyijeho ndetse no gusubiza ibibazo by'abazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga mu gihe cyo gukumirira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga (iii) Kuganira ndetse no kwemeza inyandiko izifashishwa mu kuzuza ku bushake ibyo abagenerwa b'umushinga bemeye.
 - **Gukora ingendo kuri za site zizakorerwaho ibikorwa by'umushinga** hagamijwe kureba ingano n'agaciro k'ibikorwa bizakomwa kugira ngo hamenyekane aho biherereye ndetse no kureba ingaruka iri komwa rishobora guteza

65. Uburyo bwo gusangira amakuru ku mikoranire n'ibiganiro n'abagenerwabikorwa b'umushinga bizakorwa hifashishijwe uburyo buboneye
66. Imikoranire n'ibiganiro n'abagenerwabikorwa b'umsuhinga bizakorwa kandi mu mucyo ndetse bigire ibihamya bihagije bigaragaza ko iyi gahunda yabayeho. Ibi birimo nk'urutonde rw'abitabiriye ibi biganiro ndetse n'amafoto yabo, bikazashyirwa mu migereka
67. Abazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga bazasabwa kwibumbira mu matsinda hagendewe ku bwoko bw'igikorwa cy'umushinga mu rwego rwo koroshya uburyo bwo kugirana ibiganiro hagati yabo ndetse no gutma bagira ababahagarariye bazajya bavugana n'abakozi b'umushinga ndetse n'ubuyobozi bw'inzego zibanze. Abagenerwabikorwa bazagirwaho ingaruka n'umushinga bazatoranya umuntu ubahagarariye uzaba ari mu kanama k'umushinga kazaba gashinzwe kwakira ibibazo n'ubujurire bw'abagenerwabikorwa
68. Akanama gashinzwe kwakira ibibazo n'ubujurire bw'abaturage kazaba gafite inshingano zo kwakira ibibazo by'abagenerwabikorwa kagejeweho ndetse kagire uruhare mu kubikemura no gakurikirana ko byabonewe umuti. Aka kanama kagomba kuba karimo na none bamwe mu bakozi b'umushinga ndetse n'abayobozi b'inzego zibanze bafite ubunararibonye mu gukememura amakimbirane. Mu gihe ibibazo bikemukiye ku rwego rw'aka kanama ni byo bizaba ari byiza, ariko mu gihe igisubizo kitabonetse, ikibazo gishobora kugezwa ku zindi nzego zo hejuru zisumbuyeho.
69. Akanama gashinzwe kwakira no gukemura ibirego by'ubujurire kazaba kagizwe n'inzego 3 ari zo:
1. Urwego rw'aho umushinga ukorera ibikorwa byawo
 2. Ishami rishinzwe imicungire y'umushinga mu kigo cy'igihugu gashinzwe amashyamba
 3. Uburyo buzashyirwa n'ikicaro gikuru cya IUCN
70. Umuntu wese, urwego runaka cyangwa undi ufite aho ahuriye n'umushinga wakumva (baba benshi cyangwa umwe) ko ashobora kurenganywa n'urwego rushyira mu bikorwa umushinga bitewe n'uko rutubahirije ibizagenderwaho mu gukumira abaturage mu mitungo yabpo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga cyangwa inyandiko za GCF na IUCN zigaragaza uko ibidukikije ndetse n'umutekano w'abantu bizubahirizwa, yemerewe gutanga ikibazo cye.
71. Abazagirwaho ingaruka n'umushinga bazamenyeshwa uburyo buriho bushinzwe kwakira ibibazo byabo ndetse basobanurirwe ko ari uburenganzira bwabo kugaragaza ikibazo bafite cyangwa ibyo batishimiye kugira ngo bikemurwe

7. Isesengura ry'ibibazo bishobora kuvuka

72. Inyandiko n'amabwiriza y'uburyo ibidukikije n'umutekano w'abantu bizubahirizwa mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa by'umushinga iteganya ko buri gikorwa cyose cy'umushinga kibanza gukora isesengura kugira ngo hasuzumwe ingaruka zose zishobora kuvuka ku mushinga. Ibi bikowa binyuze mu bibazo bihabwa abarebwa n'ibikorwa by'umushinga, cyangwa niba ibyo amahame ya IUCN agenga iyimurwa ry'abaturage kubera ibikorwa by'umushinga ateganya, bityo hagategurwa ingamba zo gukimira no gukemura ibibazo bishobora kuvuka.

73. Umushinga n'ibikorwa byawo bizagerageza ku buryo bushoboka gukumira ko ibibazo byavuka byazana ingaruka ku bukungu cyangwa kwimura abantu aho basanzwe batuye. icyakora ingaruka zidashobora gukumirwa zo zizashakirwa umuti binyuze kugushyiraho ingamba ziboneye. Ibi bivuze ko kuri buri gikorwa cyose cy'umushinga, hagomba gukorwa isesengura hakarebwa ibibazo bishobora kuvuka, ubutaka burebwa n'iyi gahunda, kugira ngo habeho uburyo uburyo bwo kugenera ingurane/indishyi abantu bose bagizweho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga. Ibi bigomba gukorwa hagendwe kuri politike ya GCF na IUCN.
74. Iki gice kigaragaza ibisabwa mu gukora isesengura ry'ingaruka zishobora guterwa no gukumira abaurage mu mutongo w'abaturage mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga ndetse n'uburyo buzifashishwa mu gukemura ibibazo byavuka. Isesengura ryakozwe rizahuzwa n'izindi nyigo zisanzwe zihari ndetse n'amakuru akubiye mu nyandiko ya ESMF.
75. Gukora isesengura ku kureba ingaruka zishobora gukomoka ku gukumira abaturage mu mutongo w'abaturage mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga rikenera uburyo bwihariye. Bitewe n'imiterere y'amakuru azaba yabonetse ndetse n'uburemere bwayo, hakenerwa imikoraniye yimbitse n'ibyiciro byose bizagirwaho ingaruka n'umushinga mu rwego rwo kumva ibyifuzo byabo kugira ngo bizashingirwemo mu kugena uko imbogamizi zizavuka zizakemurwa mu bwumvikane hagati y'impande zombi.
76. Nyuma yo gukora isesengura ryimbitse, amakuru avuye muri iryo sesengura niyo yemeza niba uburyo bwo gukumira abaturage mu mutongo w'abaturage mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga buzagira cyagwa butazagira ingaruka zikomeye ku mikoreshereze y'ubutaka bw'abaturage. Mu gihe inyigo igaragaje ko nta ingaruka zikomeye zizavuka ku baturage, si ngombwa gukora ibarura ryagutse. Ahubwo, abakozi b'umushinga bongera gukora igenzura rindi ryihariye kugira ngo abe ari bo bemeza raporo y'ibyavuye mu igenzura rya mbere ryakozwe. Raporo y'iri igenzura ishikiriye IUCN ndetse ibyavuyemo bikaganirwaho mu buryo burambuye.
77. icyakora, ibibazo biba byakumiriwe mbere bitewe n'ingamba zashyizweho n'umushinga nabyo bihabwa agaciro mu gihe cyo gukora igenzura rirambuye nk'uko biba byaragarajwe muri gahunda y'ibikorwa by'umushinga. Ibikorwa by'umushinga kandi bigomba guharanira ko abantu bose byagizweho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga bizezwa ndetse bakanasobanurirwa ibyiza by'umushinga.
78. Mu gihe abakozi b'umushinga babishinze bimeje ingaruka zishoboka kuvuka, bakora raporo igaragaza uko ibintu bimeze ndetse n'ibarura rikorwa ku mpande zitandukanye naryo rishobora gukorwa, hibandwa ku ngo zirebwa n'ikibazo.
79. Muri buri gikorwa cy'umushinga, urwego rushinzwe gushyira mu bikorwa umushinga ruba rugomba kumenyesha abantu igihe cyo gutangira isesengura ry'ibyo umushinga wagezeho mu mibereho y'abagenerwabikorwa ndetse no mu zindi mpande zose z'umushinga.
80. Mu gihe bigaragaye ko mu gushyira mu bikorwa umushinga, bizasaba ko habaho gukumira abaturage mu mutongo w'abaturage mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga, umukozi ubishinze mu mushinga uvugwa mu gice 5.1 aba agomba agomba gutangira uburyo bwo gushyiraho igenamigambi ry'uburyo ingaruka zizakomoka kuri iki kibazo zizakemuka.

7.1. Isuzuma rihuriweho

81. NK'uko basobanuwe haruguru, ni ngombwa ko habaho uburyo buhuriweho ndetse n'imibanire myiza hagati y'ibyiciro bizagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga ndetse n'umushinga ubwawo mu rwego rwo kubaka ubwizerane hagati y'impande zombi. Kubw'ibyo, ibiganiro n'abagenerwabikorwa biba bigomba gukorwa mu buryo buboneye kandi bakizezwa ko ibitekerezo byabo batanze bizabikanwa ibanga rikomeye ndetse ko bitazakoreshwa ahandi hose atari ku mushinga. Ikoreshwa ry'uburyo buhuriweho n'abagenerwabikorwa buba bugomba kuba bumwe kuri bose nk'uko bisobanurwa mu gice cya 6.

82. Isesengura ry'ingaruka zishobora gukomoka ku gukumira abaturage mu mutungo w'abaturage mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga rizibanda cyane ku kugaragaza ikigero n'uburemere bw'izi ngaruka, hazirikanwa ibi bikurikira:

- **Imiterere y'ingaruka:** Ni uwuhe mutungo uzagirwaho ingaruka, gute?
- **Intego z'uwo mutungo:** Ese uwo mutungo ubusanzwe ukoreshwa iki? Ese ni ubuhinzi cyangwa ukorerwamo ibikorwa by'ubucuruzi?
- **Abantu bazagirwaho ingaruka:** Ni nde wagizweho ingaruka? Ese abagore b'abagabo, abakire ndetse n'ibindi byiciro byihariye, bose bagagerwaho n'ingaruka ku kigero kimwe?
- **Igihe izi ngaruka zizamara:** Ese gukumira abaturage mu mutungo w'abaturage mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga ni ibintu bizamira igihe kirekire cyangwa gito, ese bizahoraho cyangwa n'iby'igihe gito
- **Uburemere bw'ingaruka:** Ese imitungo izangirikiramo yaba igize igice kinini cyangwa gito cy'ibisanzwe bitunze abaturage?

83. Isesengura rihuriweho rikorwa hifashishijwe uburyo bwinshi bw'igenzura. Ni ngombwa ko haboneka igihe gihagije mu kugera ku bikorwa byose by'umushinga abantu bose bazagirwaho ingaruka n'umushinga ndetse n'ibyiciro byose birebwa ndetse na site zose zakumiriweho amatwaga kuerariyikwa by'umushinga. icyakora ibi byose ntibikwiye guhungabanya ibikorwa by'ubuzima bwa buri muni bw'abaturage. Kubaka imibanire myiza ndetse n'ikizere hagati y'abazagirwaho ingaruka n'umushinga ndetse n'umushinga ubwaho biba bigomba kwitonderwa ndetse bigakorwana ubushishozi bwinshi n'ubwubahane. Abakora iri sesengura baba bagomba kumva neza no gutega amatwaga abagenerwabikorwa kugira ngo bumve kandi basobanukirwe ubuzima babayemo, ibikorwa byabo, ibibazo bafite ndetse n'impungenge bafite. Si byiza ko abakora iri sesengura bahatira abagerwabikorwa b'umushinga ibyo kuvuga. Mu gihe cyo gukora isesengura ry'umushinga, ni ngombwa ko abakozi b'umushinga birinda amarangamutima no gukekeranya. Ahubwo baba bagomba kurangwa n'imyumvire yagutse ndetse bakabanza kumva neza buri ngingo mbere yo gufata umwanzuro.

84. Uburyo bukurikira bushobora kwifashishwa mu gukora iri sesengura:

85. **Ibiganiro n'abantu ku giti cyabo batoranyijwe:** Ni ngombwa kumva no kuganiriza abantu bafite imyumvire n'ibitekerezo byisumbuye ku mibereho y'abaturage b'aho umushinga uzakorerwa cyangwa se n'abandi bari mu nzego z'ubuyobozi cyangwa abavugaga rikijyana. Urugero abayobozi b'amadini n'amatorero, abayobozi abahinzi b'intangarugero, ndetse n'amayobozi gakondo. Ibitekerezo byabo birasesengurwa ndetse bigahuzwa n'iby'abandi. Aba bose ni bo bagira uruhare mu gufasha umushinga mu kumvikanisha intego n'ibyiza byawo muri rubanda, by'umwihariko mu bantu bazagirwaho ingaruka n'umushinga.

86. **Ibiganiro n'amatsinda yatoranyijwe:** Ibi bitanga amahirwe yo kumva ibitekerezo by'ibyiciro bitandukanye binyuze mu matsinda mato ahuriyemo abantu bafite ingingo runaka bahuriyeho. Akenshi usanga ku bibazo bikomeye urugero n'ikoreshwa ry'umutungo, imibereho, uko abantu babayeho, ubuzima ibibazo bishingiye ku guhezwa mu sosiyete, biganirirwa ahanini mu matsinda mato. Kugira ngo ibiganiro bigende neza, haba hagomba kubaho ibibazo byateguwe byo kuyobora ikiganiro.
87. **Uburyo bwo kwereranya amakuru yihariye:** Ubu buryo bushingira ahanini mu kwegera amakuru arebana n'ibyo umuntu bifuzaga kumenya mu buryo bw'umwihariko, urugero ikigero cy'amikoro y'abagenerwabikorwa ndetse n'uko babayeho. Binyuze muri ubu buryo, amakuru y'aho imitungo iherereye, ahantu hazakomwa, na banyiraho byandikwa mu buryo bwihariye bikandikishwa ikaramu y'ibara, ku mpapuro nini. Ibi kandi bigomba no kugenda no kugaragaza amakuru ajyanye n'igihe umutungo w'abaturage/ubutaka bukoreshwa kugira ngo bifashe kumenya imiterere n'imibereho y'abagenerwabikorwa b'umushinga.
88. Gusura/ingendo ku masite: Ingendo ku butaka buzakomwa zifasha abakozi b'umushinga kwibonera ubwabo uko hameze ndetse bakarushaho gusobanukirwa icyo ubwo butaka busanzwe bukoreshwa, banyirabwo aho baherereye, ndetse n'ingaruka byatera mu gihe cyo gukumira abaturage mu mutungo w'abaturage mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga. Ni ngombwa ko muri izi ngendo, abakozi b'umushinga baba bari kumwe na nyiri mitungo. Ni ngombwa kandi ko muri icyo gihe cy'izo ngendo, hafatwa amafoto, ariko yose bikajyana no kugira ibanga mu ibikwa ry'amakuru.
89. Amakuru y'ibyavuye mu isesengura ku birebana n'abaturage bazagerwaho n'ingaruka z'ibikorwa by'umushinga aba agomba kubikanwa ibanga ndetse agashyirwa no muri gahunda y'ibikorwa kuri buri site yasuwe. Aya makuru arimo:
- Umubare ndetse n'ibyiciro by'abantu bazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga
 - Site yasuwe
 - Lisiti y'imitungo izangirika n'icyo icyo mitungo isanzwe ikoreshwa ndetse na ba nyirayo
 - Lisiti y'ibibazo byaganiriweho ndetse n'ibisubizo hamwe n'ingamba zafashwe mu gukumira
 - Ibihamya by'uko inama zabaye harimo urutonde rw'abitabiriye, raporo y'inama isinye, amafoto n'amashusho y'aho hantu byabereye.
90. Umukozi w'umushinga ubishinzwe, aba agomba gutanga raporo isobanura ibyavuye mu isesengura kuri buri site ndetse na site ziri muri gahunda yo gukumira abaturage mu mutungo w'abaturage mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga. Iyi raporo kandi igomba guherekezwa n'ibi bikurikira:
- Ubwoko bw'umutungo
 - icyo ubwo butaka bukoreshwa
 - Ubwoko bw'abakoresha uwo mutungo
 - icyo umuntu basanzwe babikoreshwa ndetse n'umumaro ufiteye ba nyoraho
 - Amakuru ku mibereho y'abagererwabikorwa, igihe ingaruka zizamara, ndetse n'uburemere bifite

91. Imbonerahamwe ya 5 irimo ingaruka zishobora kuvuka mu bikorwa by'umushinga hashingiye ku makuru y'inyigo yibanze yakozwe
92. Ikarita igaragaza aho amasite aherereye ndetse n'amashusho yafashwe y'utudege duto tutagira abadereva nabyo bigomba gushyirwa muri rasporo y'isesengura ry'umushinga n'ibyo uzafasha mu mibereho.
93. Ubyiciro by'abazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga basanzwe bafite imitungo kamere yabo bashobora kuba barimo abantu basanzwe badafite uburenganzira mu buryo bw'amategeko. Igice gito cyabo cyabo bashobora kuba badafite ibyangombwa by'ubutaka bibanditseho mu buryo bw'amategeko bitagwa n'urwego rubishinzwe. Nanone, birashobora cyane ko uburyo bwo kubuza abaturage gukoresha umutungo wabo w'ubutaka cyangwa umutungo wa Leta ukodeshwa
94. Bamwe mu bantu bashobora kugirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga barimo ibyiciro bukurikira:
- **Impunzi zihungutse cyangwa abandi bantu bari basanzwe mu mitungo/butaka bw'abantu bari barahunze:** Mu bihe byashize, u Rwanda rwakunze kurangwa n'umubare munini w'impunzi zihunguka zigaruka mu gihugu (akenshi ziganjemo abahinzi bato). Urugero, bitatu bya kane by'ubutaka bw'Akagera bwahawe/bweguriwe impunzi ndetse n'abahoze ari abasirikare. Zimwe mu mpunzi zahungutse zisanze ubutaka bwazo bwarahawe abandi bantu mu gihe cya gahunda y'isaringanwa ry'ubutaka, bityo bitera ibibazo bishingiye ku kubura uburenganzira ku mitungo yabo ndetse babaho igihe kitari gito nta butaka bagira.
 - **Abarizi b'abimukira:** Intara y'uburasirazuba izwiho kugira ubutaka bwo gukorerwaho ubworozi. Kubuzwa uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bw'inzuri zabo kubera ibikorwa by'umushinga, bishobora kugira ingaruka ku bworozi, ibura ry'amazi, ndetse n'ubutaka bwo kororeramo bitwewe ku mapfa ndetse no gukenera ibikorwa ubutaka bwo kororeramo ku kigero kiri hejuru
 - **Abaturage bafite ubutaka buto:** Nubwo ubutaka bushobora kuba bwanditse ku muturage, ariko hari abafite ubutaka buto ku buryo butabasha kuvamo ibihagije byo gutunga umuryango.
95. Abaturage **badafite ubutaka na buto:** Igihe cya gahunda y'isaringanwa ry'ubutaka cyatanze amahirwe ku bantu yo kwandikisha ubutaka bahawe. Nubwo iyi gahunda yabonwaga nk'uburyo bwo gutuma buri wese atunga ubutanga, hari ibyiciro by'abaturage batabashije gutanga ibibazo byabo mu gihe cyo kwandikisha ubutaka. Ibi bituma hari abaturage badafite ubutaka, ahubwo babeshejweho no guhinga ubutaka rusange bwa leta cyangwa amashyamba ya Leta.

7.2. Ibarura ry'abaturage bagizweho ingaruka no kubuzwa gukoresha imitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga

96. Uburyo bw'isesengura buhuriweho ni bwo butuma hamenyekana neza umutungo kamere uzagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga, aho uherereye, hagendewe kuri site zahiswemo z'umushinga. Ibi kandi binashimangirwa n'amakuru aba yaturutse kuri site, n'ayatanzwe n'abaturage ubwabo, amatsinda ubwo binyuze mu biganirwa byakozwe. icyakora ubu buryo ntabwo bushingirwaho ijana ku ijana mu gutanga ishusho y'amakuru abba akenewe, ahubwo hakorwa ibarura rusage kugirango hamenyekane ingaruka zizabaho ndetse n'igihombo bizateza ku mibereho y'abagenerwabikorwa. Iri barura rusange rigaragaza ingo zizagirwaho ingaruka, niba zihari, ibikorwa

by'ubucuruzi bizagirwaho ingaruka. Hifashishijwe uburyo bwo kubaza ibibazo birambuye, hameyekana amakuru ajyanye na:

- Umubare w'ingo zizimuka ndetse n'abagizze umuryango
- Ubwoko bw'imitungo izagirwaho ingarukandetse n'ingano yayo ndetse n'andi makuru arebana nayo
- Amakuru ajyanye n'ibyo ba nyirimitungo binjiza ndetse n'ibibabeshejeho/ibibbatunze mu buzuma bwa bo bwa buri muni (ubuhinzi, guhiga, ubworozi, akazi, etc.)
- Indi mitungo y'ubutaka, inyubako, bizazagirwaho ingaruka n'umushinga ndetse n'andi makuru afitanye isano nabyo

Imbonerahamwe 5: Imikoreshereze y'umutungo ndetse n'ingaruka zishobora gukomoka ku kubuzwa uburenganzira ku mitungo kamera bitewe n'ibikorwa by'umushinga kuri Site XX mu gikorwa 1.x.y.

Imutugo n'ikoreshwa ryawo	Intego/icyo bizakoreshwa	Imiterere y'umutungo mu buryo bw'amategeko	Abakoresha umutungo	Ibiringa umutungo uzagirwaho ingaruka	Igihe ingaruka zizamara	Uburemere bw'ingaruka		
						Ikigero gishoboka	Ikigero gishoboka	Ikigero gishoboka
Ibiti bikuze byatemwe	Amakara/inkwi	Bitemewe	Abaturage 20 bo muri ako gace, biganjemo abagore b'amikoro make	40% by'abahinzi 60% bizagurishwa ku baguzi bo muri ako gace Kubura inkomoka y'aho kubona inkwi n'amafaranga yinjiraga	Igihe gito kugeza kugeza ishyamba ryasigaye ryongeye kwisubiranya cyangwa ishyamba rindi ryatewe rikuge kugira ngo ritange umusaruro	4	4	4
Ibiti bya Mahogany, bikuze	Amakara/inkwi	Bitemewe	Abaturage 2 b'abagabo, abagacuruzi 2 b'abagabo bo mu gice cy'umujyi	Kubura ibindi byabinjirizaga amafaranga Kubona amafaranga yandi yinjira mu gihe cy'impeshyi		4	4	4
Ibiti bya Mahogany, bikuze	Imbago zo kugurishwa	Uruhushya rutangwa n'akarere	Abacuruzi bato 3 bo muri ako gace	Kubura amafaranga bajyaga binjiza	Igihe kirekire, kwisubiranya ku ishyamba kugeza	4	4	4

					ku myaka 30			
Ibihingwa by'imiti	Gukoreshwa mu ngo mu buzima bwa buri munsu ndetse no kugurishwa ku isoko ryo muri ako gace	Bitemewe	Abaturage 20 bo muri ako gace, biganjemo abagore b'amikoro make					
Ibindi bita bitari ibyo kuvamo imbaho (ibiti by'imbutu, imigano, ibihingwa biribwa)	Gukoreshwa mu ngo mu zuzima bwa buri munsu ndetse no kugurishwa ku isoko ryo muri ako gace							
Ubuhigi (inyama)	Gukoreshwa mu ngo mu zuzima bwa buri munsu ndetse no kugurishwa ku isoko ryo muri ako gace							
Ubuhinzi bw'ubwatsi bw'amatungo	Gukoreshwa mu ngo mu buzima bwa buri munsu ndetse no kugurishwa ku							

	isoko ryo muri ako gace							
Ibindi bintu by'agaciro bikomoka mu ishyamba	Imigirire gakondo ishingiyeye ku muco/imyizerere							
Gukusanya amabuye n'umucanga	ubwubatsi							
Umutungo kamere w'amazi (mu gihe kubuzwa byabaho)	Gukoreshwa mu ngo no mu buhinzi bw'aturima duto tw'imboga							

97. Byongeye kandi, andi makuru arebaa n’abantu bazaba bakuwe mu mitungo yao nk’urugero ubwoko bwabo, igitsina, imyaka, amashuli bize, ukuriye umuryango, uko bagera kuri servisi rusange, ikigero cy’amikoro yabo, ubumuga bafite, imyaka, igitsina cy’ukuriye umuryango; aya makuru yose azakusanwa kandi abikwe.
98. Ibarura rizakusanya na none amakuru ajyanye n’ingurane abaturage bifuzwa guhabwa ndetse n’icyo buri muryango uzimurwa witeze ku mushinga.
99. Amakuru yose azakusanwa cyangwa agatangwa agomba kuba agaragaza abagore n’abagabo ndetse n’andi makuru y’ingenzi afite aho ahuriye n’imibereho y’abaturage, bitewe n’ibyo bagaragaza bifuzwa.
100. Muri gahunda y’ibikorwa yo gukumira abaturage mu mutungo w’abaturage mu gihe cy’ibikorwa by’umushinga, amakuru yose azava mu ibarura azaragazwa mu mbonerahamwe isesenguye neza kandi itanga amakuru yose y’ingenzi.
101. Byongeye kandi, buri rugo ruzaba rufite amakuru yose agaragaza imibereho y’abarugize ndetse hagaragazwe n’imitungo yarwo izagirwaho ingaruka na gahunda yo kubuza uburenganzira ku mikoreshereze y’umutungo kamere wabo wabo. Aya makuru yose ni yo azifashishwa/azashingirwaho mu gihe cyo kumvikana n’umuryango hagamijwe gushyiraho ingamba zo gukumira ingaruka zavuka bitewe n’ibikorwa by’umushinga, no kugena ibyo buri wese yemerewe nk’ishingiro ry’amakuru y’ibanze azafasha mu igenzura n’ikurikirana ry’umushinga. Aya makuru yose azaba ari inyandiko bwite z’umushinga kandi akazabikwa mu ibanga rikomeye.
102. Impuguke mu mibanire ndese n’umukozi wa IUCN ushinzwe igenzura n’kurikiranabikorwa bazategura inyandiko zikwiye z’ibibazo bizakoreshwa mu gihe cy’isesengura n’ibarura ry’amakuru ajyane n’abazagirwaho ingaruka n’ibikorwa by’umushinga, imitungo yabo izangirika, ndetse n’ingamba zo gukumira zashyirwaho. Izi nyandiko zizategurwa mbere y’itangira ry’umushinga, ariko zongere kunozwa neza mu gihe cy’amahugurwa ku mikorere y’umushinga ndetse no mu gihe cy’isesengura rya mbere ry’aho umushinga uzakorera nk’uko biri mu gikorwa cya mbere cy’umushinga (reba igice cya 5.2)

8. Ingamba zo gukumira ingaruka zakomoka ku iburwa ry’uburenganzira ku mutungo bitewe kamere bitewe n’ibikorwa by’umushinga

103. Gukumira ingaruka harebwa uburyo bwo kureka/ kuvana muri gahunda site/ahantu hari muri gahunda yo gutunganwa/kuvugururwa n’umushinga, ariko hakaba hagaragaza ikigero kiri hejuru mu kuba ari ho hatunze ba nyiraho, ariko ku rundi ruhande hakaba harangiritse cyane bitewe n’ibikorwa n’imikoreshereze ikabije na ba nyiraho. Kugira ngo ibi byombi byitabweho kandi bishakirwe igisubizo, ni uko muri gahunda y’umushinga hagombwa kwitabwa cyane kuri gahunda yo gusubiranya ibice byangiritse, ariko hitabwa cyane ku kwirinda no gukumira ko hagira ibyangirika byinshi mu gihe cy’ibikorwa by’umushinga byo gusubiranya ubutaka bwangiritse.
104. Kwirinda ingaruka hashakishwa uko hakwirindwa ahantu hakunda gukoreshwa n’abakoresha ubutaka nabi bishobora kugorana kuko usanga aha natu hakoreshwa cyane bityo hakangirika bikomeye. Mu rwego rwo kugirango intego

zombie zigerweho, haba gusubiranya ahangiritse ndetse no guharanira imibereho myiza y'abaturage, umushinga wateguwe ku buryo uzakorwa mu bidasabye uburyo buhambaye ndetse hashakwa n'uburyo abakoresha ubutaka bakwigishwa kubuoresha mu buryo bunoze.

105. Ku bw'ibyo, ibyo umushinga witeze kugeraho bikubiye mu gice cya 1 bizakora nk'ingamba zibanze zireba gusa abazaba bagizweho ingaruka ku mikoreshereze y'ubutaka bwabo. Ibi bivuze ko abantu bose bazaba bagizweho ingaruka no gukumirwa ku mutungo wabo bazaba bagaragajwe n'isesengura bazaba bemerewe kugerwaho n'ibyiza by'umushinga ndetse bakaba mu bibanze mu bagenerwabikorwa b'umushinga. Ingamba z'umushinga zikubiyemo (i) kugenzura ubwiyongere bw'imikoreshereze y'umutungo mu buryo burambye (ii) Uburyo bundi burambye bw'imikoreshereze y'umutungo cyangwa aho umutungo uherereye na (iii) Kugabanya ikigero cy'imbogamizi zo kubona umutungo. Ku bantu bazaba batabonye umutungo wo kwifashishwa mu kubatunga cyangwa ubundi buryo bwo kubabeshaho, hazakenerwa (iv) Ubundi buryo bufasha ingo guhindura imibereho no kubona ikibatunga cyangwa (v) Kugenera igitunga imiryango itishoboye/ikennye mu gihe cyose imitungo yabo izaba iri muri gahunda yo kubuzwa gukoreshwa. Bitewe nuko, igihe cyo kongera kwisubiranya k'ubutaka bwatunganyijwe n'umushinga gishobora gutwara hagati y'imyaka 3-5 kugira ngo hongere hahingwe ibiribwa, imyaka 2-3 kugira ngo hahingwe imboga, imyaka 10-20 ku biti /ishyamba, hakwitegwa ko hazabaho gukumira kudahoraho ku mitungo kamere y'abaturage.

106. Kuri ubu buryo bwose bwitezwe ko bwabaho, ibikorwa by'umushinga bizakenera ko hakorwa igenamigambi ryimbitse rishingira ku ngingo nyinshi zitandukanye zirimo iz'ibihe, iz'igihe gito n'ikirere kugira ngo bizafashe mu buryo burambye abazaba bagizweho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga kandi birengere n'ubutaka bwabo bubatunze.

107. Imicungire myiza y'umutungo ni uburyo bwiza bufasha abaturage mu kumenya gukoresha neza umutungo wabo ndetse no kwiyumvamo inshingano ku byiza byabyo. Ni ngombwa ko imiryango ikennye/idadite imitungo yinjizwa muri gahunda n'ibikorwa by'umushinga kugira ngo mu rwego rwo gukumira ko iyi miryango yaba intandaro yo kwangiza ibikorwa byakozwe muri gahunda z'umushinga.

108. Ni ngombwa ko habaho uburyo buhuriweho bwo gukorana n'abagenerwabikorwa mu kugaragaza icyo umushinga uzafasha ndetse no gushyiraho ingamba ziboneye zo gukumira. Abazagirwaho ingaruka n'umushinga n'abakozi b'umushinga bagomba gutekereza byimbitse mu rwego rwo gushyiraho ingamba ziboneye zizafasha imicungire myiza, zigafasha mu kuzana impinduka, kandi zigafasha mu gukemura imbogamizi zose zagaragara mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga na nyuma yawo.

8.1. Igamba zigamije gukumira mu mushinga

109. Ibikorwa bikurikira biteganyijwe muri gahunda z'umushinga biragaragaza ingero z'ibyo umushinga uzageza ku bagenerwabikorwa, ndetse binashobora kwifashishwa n'ingamba zo gukumira bitewe n'ibikorwa by'umushinga:

8.1.1. Kugabanya ikoreshwa ry'inkwi binyuze mu gutanga imbabura zironderereza ibicanwa

110. Umushinga uzibanda ku gutanga imbabura zironderereza ibicanwa nk'uko bigaragara mu gikorwa cy'umushinga cya 1.5. Ibi bikazatuma ingo 100,000 zihabwa imbabura zironderereza ibicanwa. Ibi bizagenwaho binyuze mu kugerezeza ikoreshwa ry'imbabura izaba yakozwe n'abatuye aho ibikorwa by'umushinga biri, gushyiraho uburyo

bwo gufasha abagenerwabikorwa kubona inguzanyo ntoya mu bigo by'imali iciriritse ndetse no gushyiraho site zabugenewe zikora bene izi mbabura mu bice 14 by'intara y'uburasirazuba. Binyuze mu guhabwa Imbabura zironderereza ibicanwa, hazabaho kugabanuka ku ikoreshwa ry'ibicanwa/inkwi ku ngo zizaba zahawe bene izi mbabura. icyakora ibi ntibizakuraho ikoreshwa ry'inkwi/ibicanya burundu kuko bene izi mbabura nazo zikenera gukoresha inkwi. icyakora umushinga uzakora isesengura rindi kugira ngo usuzume ubundi buryo bushobora kwifashishwa mu gukuraho burundu ubwiyongere bw'ikoreshwa ry'inkwi. Hitezwe ko hazabaho ubwiyongere bw'ibicanwa binyuze mu kuba habayho uburyo bufasha abaturage kugabanya ibicanwa ndetse n'umugaruro w'amashyamba acungwa n'abaturage ndetse n'amatsinda/komite z'abaturage b'imboni. Byongeye kandi, hazabaho ubwumvikane hagati y'ubuyobozi bubishinzwe na komite z'abaturage b'imboni, ariko bugenzuwe, hagamijwe kwemerera abantu uburenganzira bwo kuba bajya gutoragura amashami y'ibiti yaguye. Nanone, ni ngombwa ko abaturage bazaba bagizweho ongaruka ku kubuzwa uburenganzira ku mitungo yabo, bashyirwa muri komite z'aturage, bakitabira amahugurwa, ndetse bakitabira igihe ibikorwa byo kumvikana no gufata umwanzuro ku ngamba z'imikoreshereze y'imitungo mishya.

8.1.2. Gusubiranywa no gucunga neza ubuhumekero bwa pariki y'Akagera

111. Nka kimwe mu bikorwa by'umushinga 1.4.2, umushinga uzafasha mu gusubiranywa no kubungabunga hegitari 400 z'icyanya cya Pariki y'Akagera. Ku bufatanye bw'impunguke y'umushinga wa TREPA, abaturage, Akarere n'imirenge, hazashyirwaho gahunda yo gutunganya inzuri haterwamo ibiti mu bice bw'ubuhumekero bwa pariki y'Akagera n'ibindi bice byegereye iyi byegereye ubuhumekero bw'iyi pariki. Iyi gahunda izashyiraho uburyo gutunganya ibi bice, ariko kandi izanatuma abaturage babona ubwinyagamburiro bwo mu gukoresha ibice by'ubuhumekero bwa pariki mu kubona inkwi no gukora ibikorwa by'ubworozi bw'inzuki. Iyi gahunda izagaragaza ibice by'ubuhumekero bwa pariki bwemewe gutanga inkwi zo gucana n'ibiribwa, ndetse inasobanure inshingano za buri wese y'imicungire myiza y'ibi bice. Izanashyiraho kandi uburyo burambye bwo gusarura bwo kwemerwa gusarura ibiti by'inkwi ndetse n'ibindi bintu bikomoka mu ishyamba. Ikintu cy'ingenzi muri iyi gahunda ni ugushyiraho uburyo buboneye kandi zinyuze mu mucyo bufasha impande zose zifite aho zihuriye umushinga. Uburyo bwo kubikora ni ugushyiraho amatsinda y'imboni z'abaturage mu bice by'ubuhumekero bwa Pariki, hazaba hasinwe amasezerano y'imikoraniye hagati y'umushinga n'abayobozi b'amashyamba. Aya masezerano azaba ashimangira uruhare rwabo n'ibyo biyemeje mu gutunganya n'imicungire myiza y'ibihingwa bizaba bitewe muri ibyo bice by'ubuhumekero bwa pariki. Uburyo bw'imicungire y'ibikubiye mu masezerano y'ubufatanye, buzemezwa mu nama z'abaturage. Uburyo bwo guhuza gahunda yo gutunganya ubuhumekero bwa pariki imikoraniye y'abaturage binyuze mu matsinda y'imboni z'abaturage yarakoreshejwe na ENABEL akandi itanga umugaruro mu mishanga yakozwe mu Ntara y'Amajyaruguru n'Intara y'Uburasirazuba.

112. Inkengero z'imigezi ubu zzarangiritse ku buryo bukoemye bitewe n'uburyo butemewe bwo gusarura ibikomoka ku mashyamba ndetse no kutagira uburyo bwo kubhiriza amategeko. Hashingiwe ku kigero cy'ukwagirika ubu, iki ice ntabwo kigitanga umutungo ku baturage bo muri aka gace, ndetse nta kintu gifatika kingiriza aaturage, keretsegutsabbimwemu bice byo guhingamo ubwatsi bw'amatungo. Kubw'iyi, kubuza ikoreshwa ry'ubutaka byashyizweho n'umushinga binyuze mu matsinda y'imboni z'abaturage, nta kibazo bishobora gutera mu bijyanye no kugera ku mutungo

Ku rundi ruhande kandi, gucunga neza inkenkero z'imigezi ni ikintu cy'ingenzi, kuko hazabaho kwivugurura kw'iki gice. Amakuru arambuye ajyanye n'imikoreshereze y'ubutaka, igihe bizakorwamo, ndetse n'ibyiza byo gusangira

amakuru bizasobanurwa neza muri gahunda yo kuvugurura inzuri hatewamo ibidi byiganganira imihindagurikire. Ni ngombwa ko ku bikorwa bimwe na bimwe urugero ibikorwa byo gusarura umusaruro w'ubuki, ndetse no gutera ubwatsi bw'amatungo byatangita mu gihe ubundi butaka bwo buzaba bukomye kugira ngo buvugururwe ndetse bwongere kwisubira (hagati y'imyaka 2-3 ku biryo, 3-5 ku biti by'imbuho, na 10-20 ku ishyamba).

8.1.3. Amahirwe y'imirimo binyuzze ibikorwa byo kongera gutera amashyamba

113. Umushinga utanga imirimo/akazi mu gihe cy'imirimo yo gutunganya ubutaka rusange (ubuhumekero bwa pariki y'Akagera, ibiyaga, inkengero z'ibiyaga, gutera ibiti ku nkengero z'imihanda, ibiti bya Leta n'Aakarere) hamwe n'ubutaka bw'abantu ku giti cyabo. Uburyo bwo kubikora buzagenda butandukana, bitewe n'ubutaka ubwo ari bwo, icyakora hazatangwa isoko ku bantu bo gutanga serivisi mu bikorwa byo gutera amashyamba barimo ba rwiyezamirimo bat obo muri ako gace, aba bakazatanga akazi ku baturage mu gihe cyo gutera ibiti by'umwihariko mu bice by'ubugumekero bwa Pariki y'Akagera. Inyigo ikorwa mbere y'umushinga yagaragaje amahirwe y'imirimo akarurikira:

- Inkombe z'ikiyaga n'umugezi hamwe no gutera ibiti ku nkengero z'umuhanda (Igikorwa 1.4.3.): abakozi 700
- Ubuhumekero bwa Pariki y'Akagera (Igikorwa 1.4.2.): abakozi 700
- Kwagura ibikorwa byo gutunganya inzura haterwamo ibiti byihanganira imihindagurikire y'ibihe (igikorwa cya 1.3): abakozi 1000
- Gutunganya amashyamba y'Akarere (Igikorwa 1.2.1): Rwimezamirimo bato 308 hiyongereyeho abakozi 700 (abenshi biganje mu miryango y'abafite amasoko)
- Gutunganya amashyamba ya Leta (igikorwa 1.2.2): abakozi 500 bahoraho baturutse muri kompani 20 za ba rwiyezamirimo, hiyongereyeho abakozi 10,000.

114. Mu gutunganye ibice y'uuhumekero bya pariki y'akagera, ibiyaga n'imigezi hamwe n'inkengero z'imihanda, amatsinda y'imboni z'abaturage azashyirwaho nk'uko byasobanuwe mbere. Abatanga serivisi z'amashyamba nabo bazegerwa n'umushinga kugira ngo habeho kwihuta ku ibikorwa byo gutegura no gutera ingemwe. Abatanga izi serivisi, bazaha abakozi akazi ku baturage baturaye ibyo bice hagendewe ku byumvikanweho hagati y'abaturage n'abayobozi b'inzego zibanze. Amahirwe menshi mu gutanga akazi azahabwa ibyiciro byihariye harimo abagore ndetse n'abaturage bagizweho ingaruka no kubuzwa uburenganzira ku mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga. Aba bazatoranwa hagenewe ku nyingo yakozwe nk'uko yasbanuwe mu gice cya 7 hejuru.

8.1.4. Kuvugurura amashyamba y'abantu ku giti cyabo

115. Igikorwa cya 1.2.3 kigamije gufasha abantu bafite ubutaka buto ku giti cyabo mu rwego kuvugurura ahantu hatewe amashyamba yangiritse ndetse no guharanira imicungire myiza yayo nk'uko bikubiye gahunda yemejwe y'imicungire y'amashyamba. Ba nyir'amashyamba bazafashwa kwibumbira mu matsinda kugira ngo bagire ubumenyi bwisumbuye mu bijyanye n'imicungire myiza y'amashyamba. Umushinga ni wo uzatanga amafaranga azakoreshwa mu mirimo yose yo kuvugurura amashyamba izaba yakozwe n'abatsindiye amasoko. Imatsinda ashinzwe imicungire y'amashyamba azagera abagenerwabikorwa bayo uburyo bwo kugera ku masoko ndetse n'uburyo bwo gukorana no guhaza amasoko manini (urugero nk'amapoto, etc.)

Ubu buryo bwitezweho gutanga umusaruro ukomeye ndetse n'inyungu mu vuryo bw'amafaranga, bityo bikazazana impinduka nziza mu mibereho y'abagenerwabikorwa bazaba bari muri iyi gahunda, bityo kandi bigatuma n'umutungo uzaba wakomwe kubera ibikorwa by'umushinga utangizwa.

8.1.5. Amahirwe yo kubona ibyinjiriza/ibikomeza gutunga ingo

116. Ibikorwa by'umushinga bikubiye ku gice cya 2.1, 2.2 na 2.3 bigamije gufasha abahinzi bafite amikoro make ndetse n'ingo kubasha kuva mu buhinzi ngandururugo (ubuhinzi bugamije gusa gufasha ingo kubona ibiribwa), ahubwo bakihaza mu musaruro ku buryo bibafasha no kubasha gukorana n'ibigo by'imali, bityo bakagera ku rwego rwo gukoresha serivisi z'ibigo by'imali zirimo kwizigamira gufata inguzanyo, ubumenyereho ku micungire y'umutungo w'amafaranga, byo bakabona amahirwe yo kwiteza imbere ku buryo bwagutse. Umushinga kandi ugamije kongerera imbaraga amashuri y'abahinzi n'amakoperative, ndetse no kubashishikariza kwinjira mu mashyirahamwe asanzwe ahari y'abahinzi b'amashyamba babigize umwuga (FFPO), ndetse aho bibaye ngombwa bagashinga ayabo. Amasoko y'umusaruro ukomoka ku nzuki, umusaruro ukomoka ku mashyamba ni bimwe mu bintu byatoranyijwe muri gahunda y'umushinga kuko ari bimwe mu bikorwa bisanzwe biri mu bigize ubuzima bwa buri muni bw'abagize imiryango yo mu gace umushinga ukoreramo cyane cyane iy'amikoro make, ifite ubutaka buto. By'umwihariko, ibikorwa by'ubworozi bw'inzuki ndetse n'ubuki bufite ibiburanga bw'aho bukorerwa bizatanga amahirwe menshi ku miryango idafite ubutaka.

117. Uburyo bwo kubona ibintu byinshiriza abagenerwabikorwabwitezweho kuboneka binyuze mu mu itangwa ry'imirimo izatagwa n'ibigo y'abikorera bito bizaba biri muri gahunda yo gutunganya umusaruro ukomoka ku bworozi bw'inzuki cyangwa bise binyuze muri gahunda yo kwihangira imirimo bishobora kuzabaho. Ibinyo bito by'abikorera bizagira uruhare mu kongera umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi cyangwa bifashe abahinzi bato kubahuzanya n'amasoko binyuze mu gucuruza cyangwa guhanahana ibiribwa. Ku bijyanye n'ibigo bikora bijyanye n'ubutubuzi bw'imbuta ndetse n'ubuhumbikiro bw'ibiti, umushinga uzabafasha mu bijyanye no kubagurira ingemwe z'ibiti.

118. Ni ngombwa gushimangira ko uburyo bwo gufasha abaturage kubyaza umusaruro ibikorwa by'umushinga, bigomba gukoranwa ubushishozi kugira ngo hasuzumwe ko abaturage bazaba bagizweho ingaruka binyuze ku kubuzwa uburenganzira ku mutungo wabo bitewe n'ibikorwa by'umushinga baba mu bibanze bagimbwa kubona amahirwe yo kubyaza umusaruro cyangwa kugerwaho n'ibizwa by'umushinga

8.1.6. Izindi ngamba zo gukumira

119. Mu gihe abaturage bazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga ndetsen'imiryango ifite amikoro make ifite ikibazo cyo kutagira imitungo n'ubutaka buhagije bwabo mu buryo bw'amategekako, kugira ngo nabo babashe kwiyumva ku bikorwa by'umushinga, hagomba kubaho uburyo buri bwihariye bw'ingamba zo gukumira ibibazo byavuka. Nkurugero, umushinga ushobora ushakisha ubutaka ubuhe iyo miryango kugira ngo ibukoreremo ubuhinzi bw'imboga, bivanzemo ibiti bivangwa n'ibyaka, cyangwa ubuhinzi bw'ibiti byo gucana mu butaka bwa leta busanzwe bukoreshwa n'amatsinda y'abaturage binyuze mu masezerano y'imikoranye ariyanywe n'umicungire irambye y'ubutaka ndetse na gahunda yo kuvugurura ubutaka. Aya matsinda azakenera kongerera ubumenyi ndetse no gufasha abayagize kubona inyongeramusaruro, kugera ku masoko, guhuzwa n'ibigo by'imali.

120. Gahunda yo gushyiraho ingamba zo gukumira bigomba gukorwa hashingiwe ku isesengura ry'amakuru areba imibereho rusange y'abagenerwabikorwa mu rwego rwo kumenya ibyo bakomeye kuru rusha ibindi.

8.2. Igamba zo guhindura imibereho y'abagenerwabikorwa b'umushinga

121. Ni ngombwa gukora isesengura ry'ingamba zose zatekerejwe mu rwego rwo guharanira ko zigira uruhare mu guhindura imibereho y'abagenerwabikorwa b'umushinga ku buryo burambye. Ibi bizasaba gukora isesengura ryihariye ku kureba amahirwe yo kugera no kubona amasoko, amahirwe yo kubona ubushobozi bwo kubona inyongeramusaruro ndetse no kureba ko ubwazo ziboneka, ndetse no kumenya niba abaturage bazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umsuhinga bafite ubumenyi bukenewe mu kubyaza umusaruro amahirwe ahari yo kubafasha kubona ibibabeshaho.

122. Ni ngombwa na none gutekereza ko mu gihe abagenerwabikorwa bakitabira ku byinshi ibikorwa by'ubworozi bw'inzuki, bishobora gutera kubona umusaruro ukabije w'ubuki, bityo bikagira ingaruka ku masoko, bikaba na none byabagiraho ingaruka ndetse bigatera ihungabana ry'ibiciro by'ubuki ku isoko. Nanone, kubura imizinga y'inzuki ihagije bitewe n'ubwinshi bw'inzuki, ubwikorezi bw'ibintu buhenze nabyo bishobora gutera ikibazo mu bucuruzi bw'umusaruro uba wabonetse. Umushinga rero ufite inshingano zo gutuma ibikorwa byose byatoranyijwe ngo bifashe abagenerwabikorwa b'umushinga bikorwa neza nk'uko byatekerejwe kandi bigakorwa mu buryo bwiza. Hagomba kandi kubaho ubushishozi bukomeye mu kumva neza ingamba zoze zatoranyijwe kugirango ibikorwa byose byatoranyijwemuri gahunda yo guharanira impinduka n'imibereho y'abagenerwabikorwa bikorwa ndetse bikaza impinduka zigaragara.

8.3. Ibisabwa n'ibyo umuntu yemerewe n'amategeko

123. Imikoranyire ihuriweho n'abagenerwabikorwa bazaba zagizweho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga nk'uko byasobanuwe mu bice bibanza, isesegura ndetse igagashakisha ubundi buryo bwose bushoboka bw'ingamba zo gukumira ingaruka zikomoka ku kubuza uburenganira bw'abaturage ku mitungo yabo bitewe n'ibikorwa by'umushinga nk'uko byasobanuwe haruguru.

124. Hashingiwe ku makuru agaragaza ibihombo bizabaho ndetse n'abazagirwaho ingaruka bitewe n'ibikorwa by'umushinga, gahunda y'ibikorwa by'umushinga izagaragaza ibyo abantu bemerewe hakurikijwe amakuru ari mu mbonerahamwe ya 5 kugira ngo hagaragazwe amakuru ku mitungo ndetse n'abazagizwaho ingaruka bitewe n'ibikorwa by'umushinga bujije ibisabwa ndetse n'ibyo bemerewe n'amategeko hagendewe ku ngamba zemeranyijweho zo gukumira. Imbonerahamwe y'makuru y'ibyo umuntu yemerewe n'amategeko izagaragaza neza mu buryo bwanditse muri gahunda y'ibikorwa, amakuru yose y'ingenzi arambuye y'ingamba zo gukumira zemeranyijweho.

125. Amakuru y'ibyo umuntu yemerewe, azajya ahita ashirwa mu mwirondoro wa buri muntu uzagirwaho ingaruka bitewe n'ibikorwa by'umushinga hamwe n'amakuru agaragaza ibihombo bizabaho kuri buri muryango, ibi bikaba ari byo bizaba bigize ibyo umushinga n'imiryango izagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga yemeranyijwe ndetse n'ingamba zo gukumira ibibazoo.

Imbonerahamwe 6: Urugero rw'ibyo umuntu yemerewe

Ubwoko bw'umutungo uzangirika	Ibiranga umutungo uzangirika	Abemerewe	Ibyo abantu bemerewe
Fuelwood from forest	40% by'ibisanzwe bibatunga/bibabeshejeho 60% by'ibigurishwa ku isoko	Abantu 20 bo gutashya inkwi, biganjemo abagore b'amikoro make	Gutanga are 1 y'ubutaka bwa Leta binyuze mu biteganywa mu masezerano y'imikoranire hagati y'amatsinda y'imboni z'abaturage kugira ngo hahingwe ibiti byo gucana Ahandi hantu hemerewe gukura ibicanwa/inkwi mu mashyamba Gutanga Imbabura zironderereza ibicanywa Gufashwa mu gihe cy'imyaka 3, hagendewe ku mushahara fatizo.
Ibihinwa by'imiti biva mu mashyamba	Gukoreshwa mu buzima bwa buri munsu ndetse bikagurishwa mu masoko yo muri ako gace	Abantu 20 bo gutashya inkwi, biganjemo abagore b'amikoro make	Kujya muri gahunda y'ubworozi bw'inzuki, hatangwa ibikenewe ndeste no kubafasha kubona amasoko Kuvanga ibihingwa ibihingwa by'imiti mu mirima y'ibiti byo gucana Gahunda y'iturima duto two mu ngo, ndetse hagatangwa ibihingwa by'imiti n'ibiribwa
Iyubakwa ry'inkengero z'umugezi hakoreshejwe imbaho Construction wood from degraded river shoreline plantation	Ubururizi bw'imbaho	Abacuruzi 3 babifitiye uburenganzira	Kuja mu matsinda y'imboni z'abaturage no gutunganya inkengero z'umugezi haterwa ibiti Gukorana nka rwiyemezamirimo mu gihe cyo gutera ibiti no kwita ku biti byatewe

8.4. Iyumvikanyweho ku bushake kandi mu mucyo

126. Mu gihe hamaze gushyirwaho uburyo bw'ubwumvikane ku ngamba zo gukumira ibibazo kuri buri muryango uzagirwaho ingaruka kubera ibikorwa mu mushinga, hazabaho inama rusange/yaguye ihuza abantu bose bazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga, abakozi b'umushinga n'abandi bafatanyabikorwa b'ingenzi b'umushinga barimo abahagarariye inzego zishyira mu bikorwa umushinga, abayobozi b'ingenzi b'inzego zibanze. Iyi nama izakorwa mu mucyo kandi ni nayo inemeze ibizaba byumvikanyweho n'impande zose. Hazafatwa amafoto n'amashusho y'iyi nama nk'ibihamya byayo. Ibyo abazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga bazaba bemeranyijeho bizashyirwa mu nyandiko iri mu rurimi rw'ikinyarwanda n'icyongereza kandi isinyeho cyangwa

iteyeho igikumwe. Abazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga, abahagarariye abashyira mu bikorwa umushinga ndetse n'inzego zibanze bazagira kopi y'iyi nyandiko.

9. Ingengo y'imali y'isesengura n'ishyirwaho ry'ingamba zo gukimira ibibazo byaerwa no kubuza uburenganzira ku mitungo bitewe n'ibikorwa by'umushinga

127. Ingengo y'imali yose ikenewe mu gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa mu bijyanye na gahunda yo gukoma ibikorwa by'abaturage bitewe n'ibikorwa by'umushinga kuri buri gikorwa cy'umushinga ni kimwe mu bigize ingengo y'imali rusange y'umushinga. Ikiguzi cyo gutegura igenamigambi y'umushinga hrimo n'inyingiro ku byo umushinga uzafasha abaturage, imiyoborere y'umushinga, ikurikiranabikorwa ry'umushinga byose bikubiye mu ngengo y'imali ya ESMF. Ingengo y'imali ya gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ryo kubuza abaturage uburenganzira ku mitungo yabo bitewe n'ibikorwa by'umushinga harimo n'ikijyanye n'indishyi zizatangwa hamwe guhuhindura imibereho y'abaturage ibarizwa/izasohokera mu ngengo y'imali ya buri gikorwa bito bya buri umushinga. Ibikorwa bito by'umushinga bizagaragaza gahunda y'ibikorwa ku bijyanye no kubuza abaturage uburenganzira ku mitungo yabo bitewe n'ibikorwa by'umushinga nabyo bizagererwa ingengo y'imali mu ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

128. Kubera ko hafi y'ingamba zose zo gukimira ibibazo byavuka biturutse ku kubuza abaturage kugera ku mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga byitezwe gushyirwa muri gahunda y'ibikorwa ishyirwa muikorwa yayo, ibi byabariwe mu ngengo y'imali rusange y'ibikorwa detse ishyirwa mu ngengoy'imali rusange y'umushinga. Na none, ingengo y'imali y'imiyoborere y'umushinga, ikurikirana bikorwa ry'umushinga ndetse no gukora igenzura rya gahunda y'ibikorwa nabyo bizabarirwa mu ngengo y'imali y'ibikorwa byose.

129. icyakora ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa ku bijyanye no kubuza uburenganzira ku mitungo w'abaturage bitewe n'ibikorwa by'umushinga izakenera izindi ngamba zitari izikubiye muri iyi nyandiko, hazakenerwa indi ngengo y'imali y'inyongera. Buri gikorwa cyose cy'umushinga kizajya kigaragaza ingengo y'imali yacyo ku bijyanye n'indishyi zindi shya cyangwa guhindura imibereho y'abagenerwabikorwa. Ingengo y'imali ya buri gahunda yo kubuza uburenganzira abaturage kubera ibikorwa by'umushinga izajya igaragazwa mu mbonerahamwe igaragaza ingengo y'imali ya buri kintu hagendewe ku bwoko bw'igihombo n'ibyo umuntu yemerewe. Ingengo y'imali ihujwe kuri buri bwoko bw'igihombo ku bantu bose bazakurwa mu mitungo yabo, imiryango ndetse n'ibindi bigo bigaragazwa mu isesengura ry'ingaruka za gahunda z'ibikorwa ku bijyanye no kubuza abaturage uburenganzira kubera ibikorwa by'umushinga. Ingengo y'imali igomba kuba ikubiyemo ubwoko bw'ibihombo bizabaho, ubwoko by'ingamba n'ibyo umuntu yemerewe, abagize amastinda, ndetse n'ikiguzi cya buri ngamba zo gukimira.

Imbonerahamwe 7: Ingengo y'imali ku bikorwa byo gukimira ibibazo byavuka bitewe no kubuza abaturage uburenganzira ku mitungo yabo mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga

Ubwo bw'umutungo uzahomba	Ubwoko bw'ingamba bemerewe	bwa n'ibyo	itsinda	Ikiguzi	Umubare w'amatsina	ikiguzi	
				Ifaranga		ifaranga	idorali

Fuelwood	Gutanga pariceli 2 za are imwe y'ubutaka bwa leta, bugakoderwa mu gihe cy'imyaka 40 buhingwamo ibiti/amashyamba Provision of two 1-acre plots of state land under 40-year lease for fuelwood plantation	Are		2		
	Gutanga Imbabura zironderereza ibicanywa	ikintu		20		
	Kunganira mu gihe cy'imyaka 3, hagendewe ku mushahara fataizo	Umushahara fatizo w'umwaka		20		
Igiteranyo gito						
Ibihingwa by'imiti	Kujya muri gahunda y'ubworozi bw'inzuki, hatanga inyunganizi ikenewe no kubona amasoko	Inyunganizi kuri buri muryango		20		
	Ibihingwa by'imiti ndetse n'ingemwe z'ibiti bibyara imbuto ziribwa n'izindi nyunganizi	Inyunganizi kuri buri muryango		20		
Igiteranyo gito						
Igiteranyo mbumbe						

10. Ikurikiranabikorwa no gutanga raporo

130. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zo kubuza abaturage uburenganzira bwo kugera ku bikorwa byabo bitewe n'ibikorwa by'umushinga ni bimwe mu biteganywa muri ESMF isanzwe iri muri gahunda y'umushinga MERL ijyanye no gukurikirana no gukora raporo. Ibi bizakenera uburyo bwihariye bwo gukora ikurikiranabikorwa no gutanga raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa n'ingamba zitandukanye mu bikorwa by'umushinga na gahunda

y'ibikorwa biteganyijwe mu kubuza abaturage uburenganira ku mutungo wabo mu gihe cy'ishyirwa mubikorwa ry'umushinga. Gukurikirana ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga bizakenera (i) Uburyo bwo gukurikirana ishyira mu bikorwa ry'ibikorwa biteganyijwe muri gahunda y'ibikorwa na (ii) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'uburyo bwo kunganira abaturage bakuwe mu byabo kubera uburyo bwo kubuzwa uburenganzira ku mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga, kandi hagendewe ku byo bemerewe. Ibi byose bizajya bitangirwa raporo inshuro 2 mu mwaka kuri buri gikorwa nn'shami rishinzwe imicungire y'umushinga n'urwego rushinzwe gushyira mu bikorwa umushinga. Umukozi wa IUCN ushinze ikurikiranabikorwa nawe azajya atanga raporo kuri buri gikorwa igaragaza ingaruka zimaze guturuka kuri gahunda yo gukumira abaturage mu ku mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga.

131. Mu gihe igenzura rigaragaje ko hari ibitarageze neza mu ishyirwa mu bikorwa mu bijyanye na gahunda y'ibikorwa byo gukumira abaturage ku mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga, hazajya habaho gahunda y'ibikorwa yindi ivuguruye kuri buri gikorwa cy'umushinga bikoze n'urwego rushyira mu bikorwa umushinga ku butanye n'umukozi wa IUCN ushinze ikurikiranabikorwa kugira ngo habebo ukubahiriza ibyasabwaga byose mu igenamigambi ry'ibikorwa byo gukumira abaturage ku mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga ndetse n'ingamba zigamije guhangana n'ibibazo byagaragaye. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa ikosoye izakurikiranana ubushishozi kugeza hagaragajwe ko ibibazo byose byari byagaragaye mbere byakemutse.
132. Isuzuma rya nyuma ry'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa byo gukumira abaturage ku mitungo yabo bitewe n'ibikorwa by'umushinga rizagenzura imikorere yose ndetse n'umusaruro zazanye ku mibereyo y'abagizweho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga. Ibyo umushinga wagezeho bizasuzumwa hagendewe ku makuru fatizo yarahari yatanze n'ibarura ryagaragajwe ibibereho y'abaturage bagizweho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga. Ibizuma bizagaragazwa muri raporo y'agateganyo kuri buri gikorwa cy'umushinga ndetse no muri raporo rusange y'ishimi rishinzwe imicungire y'umushinga.
133. Igenzura ryose n'isuzuma birebana n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ishyirwa mubikorwa rya gahunda z'umushinga rizakorwa habayeho gukorana bya hafi n'abagenerwabikorwa bingizi b'umushinga, by'umwihariko abantu bagizweho ingaruka no gukumirwa ku mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga kugira ngo batange ibitekerezo byabo ndetse n'ibibazo.
134. Ibikorwa byose by'isuzuma n'igenzura ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kubuza abaturage gukoresha umutungo kamere w'ahazakorerwa ibikorwa by'umushinga bizashyirwa mu bikorwa ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye by'umwihariko abagezweho n'ingaruka zo kubuzwa uburenganzira kuri uwo mutungo kamere, kugirango ibitekerezo byabo byumve kandi bihabwe agaciro.

11. Ingengabihe y’itegurwa n’ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y’ibikorwa

135. Ingengabihe y’itegurwa n’ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y’ibikorwa byo gukumira abatwage mu mitungo yabo mu gihe cy’ishyirwa mu bikorwa ry’umushinga izatanga umuringo ngenderwaho ku ngamba zo gukumira ibibazo bishobora kuvuka kuri buri gikorwa cy’umushinga. Urugero rw’iyi ngengabihe ruragaragara ku mbonerahamwe ya 8. Iyi mbonerahamwe iragaraza ibyo abafite aho bahuriye n’umushinga biyemeje. Buri gikorwa cyose cy’umushinga kiri muri haunda y’ibikorwa byo gukumira abatwage mu mitungo yabo mu gihe cy’ibikorwa by’umushinga kigaragaza amakuru y’ingamba zo guhangana n’ibibazo byavuka ndetse n’impinduka zishobora kubaho ku gikorwa runaka.

Imbonerahamwe: Ingengabihe igaragaza itegurwa n’ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y’ibikorwa byo gukumira abatwage mu mitungo yabo mu gihe cy’ibikorwa by’umushinga

Igikorwa	Umwaka wa 1												Umwaka wa 2											
	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10	11	12	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10	11	12
Gushyiraho impuguke mu bijyanye n’umutekano w’abantu n’umukozi wa IUCN ushinze ikurikiranabikorwa	■																							
Amahugurwa ku mutekano w’abantu mu gihe cy’ishyirwa mu bikorwa ry’umushinga ku bijyanye n’itegurwa n’ishyirwa mu bikorwa ry’ibikorwa byo gukumira abatwage mu mitungo yabo mu gihe cy’ibikorwa by’umushinga	■	■																						
Kugenzura ingaruka yo gukumira abatwage ku mitungo yabo mu gihe cy’ibikorwa by’umushinga	■																							
Igenzura ku ngamba zo gukumira abatwage ku mitungo yabo mu gihe cy’ibikorwa by’umushinga	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■			

Igikorwa	Umwaka wa 1												Umwaka wa 2											
	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10	11	12	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10	11	12
Ibikorwa byo gukorana n'abagenerwabikorwa bagizweho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■				
Gushyiraho ndetse n'ugukora ku buryo bwo kwakira ibibazo by'abagenerwabikorwa ku mushinga	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■
Igenzura ku ngaruka zo gukumira abaturage mu mitungo yagbo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga: Igenzura rihuriweho		■	■	■	■																			
Igenzura ku ibarurwa ry'ingaruka zo gukumira abaturage mu mitungo yagbo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga					■	■																		
Gutegura inyandiko y'agateganyo ya gahunda y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yagbo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga						■																		
Kumvikana no kwemeranya ku ngamba zo gukumira						■	■																	
Gutegura inyandiko ya nyuma ya gahunda y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yagbo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga							■																	

Igikorwa	Umwaka wa 1												Umwaka wa 2											
	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10	11	12	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10	11	12
Kwemeza FPIC							■																	
Ishyirwa mu bikorwa ry'ibi byo gukumira abaturage mu mitungo yagbo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga								■	■	■	■	■	■	■	■	■	■	■						
Igenzura ry'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yagbo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga																							■	■

12. Gukora gahunda y'ibikorwa y'ingamba zo gukumira ingaruka zakomoka ku gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga

136. Kuri buri gikorwa cy'umushinga, gahunda y'ibikorwa igaragaza ingamba zo gukumira ibibazo bishobora gukomoka ku gukumira abaturage ku mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga izategurwa ndetse izaba igizwe n'ibi bice bikurikira:

1. Intangiriro

1.1. Intego ya gahunda y'ibikorwa ingamba zo gukumira ibibazo bishobora gukomoka ku gukumira abaturage ku mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga

1.2. Amakuru arambuye ajyanye n'umushinga

2. Amategeko n'ibyo ateganya ku bijyanye no kubuza abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga

2.1. icyo amategko y'u Rwanda ateganya mu bijyanye n'igenzura

2.2. Politiki ijyanye no gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga

3. Ingamba z'urwego mu bijyanye n'imicungire y'uburyo bwo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga

4. Imikoranire n'abafatanyabikorwa b'umushinga

5. Isesengura ry'ingamba zo gukumira ibibazo bishobora gukomoka ku gukumira abaturage ku mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga

5.1. Igenzura rihuriweho

5.2. Ibarura ry'abantu bagizweho ingaruka no gukumira abaturage ku mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga

6. Ingamba zo gukumira ibibazo bishobora gukomoka ku gukumira abaturage ku mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga

6.1. Ingamba zo gukumira mu bikorwa by'umushinga

6.2. Ungamba zo guhindura imibereho y'ibikorwa by'umushinga

6.7. Ibisabwa n'ibyo umuntu yemerewe

6.8. Ibarura ryo mu mucyo kandi ritanga amakuru akenewe

7. Ingengo y'imali y'isesengura ry'ingamba zo gukumira ibibazo bishobora gukomoka ku gukumira abaturage ku mitungo yabo kubera ibikorwa by'umushinga

8. Ikurikiranabikorwa n'igenzura na raporo

9. Ingengabihe igaragaza itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga

137. Buri ngingo yose iteganywa muri buri gice cy'iyi nyandiko kizakurikizwa ndetse kifashishwe mu gutegura ibice bigize gahunda y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga

- Gahunda y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga kuri buri gikorwa hamwe n'ingaruka zabikomotseho bizajya bitangirana n'intangiriro igaragaza intego y'iyi gahunda y'ibikorwa ndetse inasobanure neza amakuru yose ajyanye n'umushinga nk'uk biri mu gice cya 1 cy'iyi nyandiko
- Mu gice cya 2 kirebana n'mategeko n'imikorere y'uburyo bwo gukumira abaturage ku mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga kuri buri gahunda y'ibikorwa igaragaza ho hazakurikizwa amategeko abireba mu Rwanda, amategeko afitanye isano na politiki y'ibidukikije ndetse n'ibiteganwa na GCF na IUCN ndetse na politiki y'imishinga yo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga
- Mu gice cya 2.1 cya gahunda y'ibikorwa yo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga izaba ikubiyemo ndetse igaragaza isesengura ry'amategeko n'imikorere ibigenga mu Rwanda. By'umwihariko, hazanarebwa kandi amategeko n'imikorere ifite aho ihuriye no gukumira abaturage abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga kuri buri gikorwa cyose cy'umushinga
- Politiki y'umushinga ijyanye no gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga izaba iri mu gice cya cya 2.2 cya buri gahunda y'ibikorwa. Bizasobanurwa kandi ko buri gikorwa cy'umushinga kigomba kubahiriza n'ingingo zose ziteganywa muri politike ijyanye no gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga
- Mu gice cya 3, uburyo bw'imicungire y'ibikorwa byo gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga ku bikorwa runaka by'umushinga ndetse n'uruhare rwa buri wese nabyo bigomba gusobanurwa
- Mu gice cya 4, raporo zirebana n'ibikorwa birebana n'imikoranire n'abafatanyabikorwa b'umushinga byakozwe mu gihe cy'itegurwa rya gahunda y'ibikorwa ndetse izi raporo zikaba zifite n'ibindi bihamya (amafoto n'amashusho) bizashingirwaho ndetse bigaragazwe mu mugereka. Uruhare n'imikorere y'uburyo bwo kwakira ibibazo ku mushinga nabyo buzasonanurwa kurushaho.
- Mu gice cya 5, raporo zigaragaza ibyagezweho hagendewe ku amakuru ajyanye n'ibikorwa ku mibereho y'abagenerwabikorwa harimo n'isesengura rihuriweho hamwe n'ibarura ry'abagizweho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga azashingirwaho ndetse yongerwe ku mugereka
- Igice cya 6 kigaragaza amakuru arambuye ajyanye n'ingamba zose zemeranyijweho zijyanye no gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga. Iki gice kandi gisobanura uburyo bwo kumvikana no kugera ku bwumvikane. Na none, iki gice gitanga isesengura ku ngamba zigamije guhindura imibereho y'abagenerwabikorwa b'umushinga, ndetse n'amakuru ajyanye n'abagizweho ingaruka no gukumira abaturage mu mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga. Uburyo bwo kwemeza amakuru y'ibarura rikozwe mu mucyo ku birebana n'abantu bagizweho ingaruka

no gukumira abaturage ku mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga nabyo bizagaragazwa ndetse bisgirwe ku mugereka ya gahunda y'ibikorwa.

- Igice cya 7 gitanga ingengo y'imali ku ngamba zo gukumira muri buri gikorwa cy'umushinga
- Igice cya 8 gisobanura uburyo bw'ikurikiranabikorwa n'igenzura no gutanga raporo ku bikorwa by'umushinga
- Igice cya 9 kigaragaza amakuru y'ingengabihe by'itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo gukumira abaturage ku mitungo yabo mu gihe cy'ibikorwa by'umushinga kuri buri gikotwa cy'umushinga